INTEGANYANYIGISHO Y'IKINYARWANDA

IKICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI ABANZA

Icapwa rya kabiri

Kigali, 2026

Uburenganzira bw'umuhanzi

© 2026 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB), Kigali

Iyi nteganyanyigisho ni umutungo wa Leta y'u Rwanda.

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iyi nteganyanyigisho bufitwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB).

IJAMBO RY'IBANZE

Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) rushimishijwe no kubagezaho integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, icapwa rya kabiri. Iyi nteganyanyigisho igamije gutanga uburezi buboneye kandi bufite ireme mu mashuri yose y'u Rwanda. Iyi nteganyanyigisho yateguwe n'abahanga mu Kinyarwanda , abarimu ndetse n'abategura integanyanyigisho ni urufunguzo rwo guteza imbere Integanyanyigisho Ishingiye ku Bushobozi (CBC) yerekana Poritiki y'uburezi mu Rwanda yo kurera abanyeshuri bafite ubumenyi, ubumenyi ngiro, ubukesha ndetse n'imyitwarire myiza.

Uburezi bw'ibanze bufite ireme ni umusingi w'iterambere n'ubukungu birambye by'u Rwanda. Dushingiye kuri poritiki y'Igihugu mu burezi, iyi nteganyanyigisho yibanda ku gutekereza byimbitse, guhanga udushya, uburezi budaheza no guteza imbere umunyeshuri mu buryo busesuye. Igamije guha abanyeshuri ubushobozi bukenewe kugira ngo babashe kugera kure hashoboka, bagire ubumenyi bukenewe, ubumenyi-ngiro, ubukesha n'indangagaciro bikwiye. Ibyo bizatuma bagira ubushobozi bwo gupigana ku isoko ry'umurimo haba mu karere u Rwanda ruherereyemo cyangwa ku rwego mpuzamahanga.

Dushingiye ku kerekezo cy'u Rwanda 2050 ndetse na Gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2), iyi nteganyanyigisho ishyigikira intego y'Igihugu yo kubaka ubukungu bushingiye ku bumenyi, ku guhanga udushya, ku gusigasira ibyagezweho no gupiganwa ku rwego mpuzamahanga. Ishyira imbere uburyo bwo kwigisha bushingiye ku munyeshuri, uburyo buha umwanya umunyeshuri no gushyira mu bikorwa ubumenyi yahawe, bimutegurira gukomeza amashuri no kuba umuturage uzi inshingano ze, ugira imyitwarire myiza kandi ushobora gutanga umusanzu mu mpinduramatwara zikomeje mu Rwanda.

Iyi nteganyanyigisho igaragaza ubushake dufite bwo guha abanyeshuri ubumenyi n'ubushobozi bikenewe mu kinyejana cya 21, bushyira imbere udushya no gutoza abanyeshuri indangagaciro zirimo ubunyangamugayo, kwita ku mibereho y'abandi no guhora biyungura ubumenyi. Gutsinda kw'abanyeshuri gushingira cyane ku kwitangira

akazi no ku bunyangamugayo bw'abarimu ndetse n'abayobozi b'amashuri. Ku bw'ibyo, turasaba abarimu bose gukoresha uburyo bwo kwigisha n'uburyo bwo gusuzuma bivugwa muri iyi nteganyanyigisho, babikorana umwete n'urukundo, kugira ngo ishuri rihinduke ahantu hateye amatsiko, ho guhanga udushya kandi hatanga ihumure ku bahagana.

Mu izina ry'Uwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB), ndashimira byimazeyo buri wese wagize uruhare mu itegurwa ry'iyi nteganyanyigisho. Ubumenyi n'umuhate byanyu byagize uruhare rukomeye mu kwandika iyi nteganyanyigisho iha abanyeshuri bacu ibikenewe. Twese hamwe, dushobora gutuma uburezi bukomeza kuba imbarutso ikomeye y'iterambere n'ubukungu by'Igihugu cyacu. Tuboneyeho kandi gusaba abazakoresha iyi nteganyanyigisho gutanga ibitekerezo byatuma irushaho kunozwa.

Dr. MBARUSHIMANA Nelson

Umuyobozi Mukuru wa REB

GUSHIMIRA

Itegurwa ry'iyi nteganyanyigisho ni umusaruro w'ubufatanye, ubwitange, ubumenyi n'ubushake bw'abafatanyabikorwa batandukanye. Mu izina ry'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB), ndashimira byimazeyo buri wese wagize uruhare mu gutegura neza iyi nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza (P4–P6).

Ndashimira by'umwihariko, abahanga mu isomo ry'Ikinyarwanda, abategura integanyanyigisho, abarimu ndetse n'abafatanyabikorwa mu burezi batandukanye, bagize uruhare rukomeye mu gutanga ibitekerezo, inama n'ubuhanga bagaragaje mu kunoza iyi nteganyanyigisho. Ubufatanye bwabo bwatumye iyi nteganyanyigisho ihuzwa n'intego z'integanyanyigisho y'u Rwanda Ishingiye ku Bushobozi (CBC) kandi isubiza ibyifuzo by'ikerekezo 2050 n'ibya Gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2).

Turashimira kandi inkunga ikomeye y'abafatanyabikorwa mu iterambere n'abandi bafatanyabikorwa mu burezi, badufashije mu buryo bwa tekiniki mu guhuza no kunoza iyi nteganyanyigisho. Ubufatanye bwanyu bwagize uruhare rukomeye mu kongera imbaraga no guteza imbere ireme ry'uburezi mu Rwanda.

Mu gusoza, turasaba abarimu, abayobozi b'amashuri n'abandi bose bakora mu burezi gukoresha iyi nteganyanyigisho kinyamwuga kandi bitanga kugira ngo ishuri rihinduke ahantu hatangirwa ubumenyi, ubumenyingiro, indangagaciro n'imyitwarire myiza ku banyeshuri. Kubera ubwitange bwanyu, iyi nteganyanyigisho izagera ku ntego yayo yo gufasha abanyeshuri kugera ku bushobozi bukenewe no kugira uruhare rukomeye mu iterambere rirambye ry'u Rwanda.

MURUNGI Joan

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho muri REB

ISHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE ..... **iii**
GUSHIMIRA ..... **v**
1. INTANGIRIRO RUSANGE **1**
1.1. Amavu n'amavuko y'ivugururwa ry'iteganyanyigisho 1
2. KWIGISHA NO KWIGA IKINYARWANDA **2**
2.1. Impamvu zo kwigisha no kwiga Ikinyarwanda 2
2.1.1. Ikinyarwanda nk'ururimi kavukire 2
2.1.2. Ibirebana n'umunyeshuri 2
2.2. Ubushobozi 3
2.2.1. Ubushobozi nsanganyamasomo 3
2.2.2. Ubushobozi rusange bugamijwe mu nyigisho y'Ikinyarwanda 4
2.2.3. Ikinyarwanda no kwimakaza ubushobozi bugamijwe 6
2.3 Indangagaciro 7
2.3.1 Indangagaciro zishingiye ku Nteganyanyigisho 7
2.3.2 Indangagaciro Shingiro 8
3. IMBONEZAMASOMO **9**
3.1. Uruhare rw'umwarimu 10
3.2. Uruhare rw'umunyeshuri 11
3.3. Kwita ku bafite ibibazo byihariye 11

4. UBURYO BWO GUKORA ISUZUMA 12
4.1. Ubwoko bw'isuzuma 12
4.1.1. Isuzuma ritata 12
4.1.2. Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize 12
4.1.3. Isuzuma rikomatanya 13
4.2. Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma 14
4.3. Gutegura ibibazo by'isuzuma rikomatanya 14
4.4. Imiterere y'ibizamini bya Leta 15
4.5. Gukorera ababyeyi raporo y'isuzuma 15
5. IBIKORESHO 16
5.1. Ibikoresho bizakenerwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi nteganyanyigisho 16
5.2. Abakozi 17
5.3. Ubumenyi n'ubushobozi abarimu b'Ikinyarwanda bagomba kugira 18
6. IMITWE Y'IYI NTEGANYANYIGISHO 20
6.1. Imiterere y'imitwe muri iyi nteganyanyigisho 20
6.2. Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda yo mu wa kane 21
6.2.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mwaka wa kane 21
6.2.2. Imbonerahamwe y'imitwe y'amasomo mu mwaka wa kane 25
6.3. Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda yo mu wa gatanu 57
6.3. 1. Ubushobozi bugamijwe nyuma y'umwaka wa gatanu 57
6.3.2. Imbonerahamwe y'imitwe y'amasomo mu mwaka wa gatanu 57

6.4. Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda yo mu wa gatandatu....89
6.4. 1. Ubushobozi bugamijwe nyuma y'umwaka wa gatandatu 89
6.4.2. Imbonerahamwe y'imitwe y'amasomo mu mwaka wa gatandatu 90
7. UMUGEREKA.... 120
8. IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE: 122

1. INTANGIRIRO RUSANGE

1.1. Amavu n'amavuko y'ivugururwa ry'iteganyanyigisho

Ivugururwa ry'iteganyanyigisho y'Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza rigaragaza ubushake u Rwanda rufite bwo gushimangira Integanyanyigisho Ishingiye ku Bushobozi (CBC), yatangiye gushyirwa mu bikorwa mu mwaka wa 2015. Ibitekerezo bitandukanye byatanzwe n'abarimu, abayobozi b'amashuri ndetse n'abafatanyabikorwa mu burezi, byagaragaje ko hakenewe kunoza uburyo bwo kwigisha, igihe kigenerwa amasomo no kwita ku byo abanyeshuri bakeneye.

Iyi nteganyanyigisho, icapwa rya kabiri, ishyira mu bikorwa amabwiriza ya Minisiteri arebana no guhuza amasaha y'ishuri akagirwa atanu ku munsi n'ibyumweru 33 by'amasomo ku mwaka. Ibi bigamije guhuza integanyanyigisho n'ikerekezo 2050 na Gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2), byibanda ku bukungu bushingiye ku bumenyi, ku baturage barangwa n'indangagaciro ndetse no ku iterambere rirambye.

Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda yubakiye ku nsanganyamatsiko z'inyuranye nk'umuco nyarwanda, gukunda Igihugu, ubumwe, kubana neza n'abandi, isuku, imikino n'imyidagaduro, ibidukikije n'izindi, byose bigamije kugaragaza ubudasa bw'umuco nyarwanda mu ruhando rw'amahanga.

Binyuze mu masomo ari muri iyi nteganyanyigisho, abanyeshuri bazunguka ubumenyi, ubumenyi-ngiro, ubukesha n'indangagaciro bibategurira guhangana n'ibibazo by'ubuzima bwa buri munsi, gufata ibyemezo byiza no gukura ari abaturage beza kandi batanga umusaruro.

2. KWIGISHA NO KWIGA IKINYARWANDA

2.1. Impamvu zo kwigisha no kwiga Ikinyarwanda

2.1.1. Ikinyarwanda nk'ururimi kavukire

Ikinyarwanda ni ururimi kavukire ruhuza Abanyarwanda bose kuko rukoreshwa mu nzego zose z'ubutegetsi n'iz'imirimo, rwumvwa kandi rukanavugwa n'Abanyarwanda hafi ya bose. Ikinyarwanda kigishwa mu mashuri nk'inyigisho kandi kigakoreshwa mu kwigisha izindi nyigisho mu kiciro cy'amashuri y'inshuke. Ikindi kandi Ikinyarwanda kibumbatiye umuco w'Igihugu, gituma dushyikirana, tukungurana ibitekerezo, tukagezanyaho ubutumwa, tukagaragaza n'imbamutima zacu.

Nk'uko abahanga mu byo kwigisha babivuga, kumenya ururimi kavukire ni intango ndetse n'imbarutso yo kumenya izindi ndimi. Abarimu barakangurirwa rero guha agaciro Ikinyarwanda kuko ari uguha agaciro imyigishirize ndetse no gufasha mu kuzamura ireme ry'uburezi. Ururimi rwacu ruri mu bigaragaza imitekerereze, ubuhanga n'umuco byacu, rukabicengeza mu rubyiruko, bikaba uruhererekane, maze ntitumirwe n'amahanga. Ururimi rw'Ikinyarwanda rufite uruhare rukomeye mu guhamya Umunyarwanda udafite isoni n'ubwoba by'umuco we kandi utisuzugura. Umuco w'u Rwanda ugomba gusigasirwa no gukungahazwa. Inzira ya mbere yo kuwusigasira ni ukwigisha Ikinyarwanda, cyanecyane ko gikoreshwa hamwe n'izindi ndimi z'amahanga zishobora kuwumira. Ikinyarwanda rero ni rwo rurimi rukoreshwa mu kwigisha gusoma no kwandika by'ibanze bityo kikaba kigomba kwigwa no kwigishwa ku buryo buboneye kugira ngo byoroshye n'imyigire y'izindi ndimi.

2.1.2. Ibirebana n'umunyeshuri

Mu kwiga no kwigisha Ikinyarwanda hazibandwa ku bushobozi bwo kuvuga, kumva, gusoma, kwandika ndetse n'ubumenyi bw'ururimi. Icyakora mu kwiga no kwigisha Ikinyarwanda ni ngombwa guhuriza hamwe buriya bushobozi bwose. Nubwo umunyeshuri wo mu kiciro cya kabiri yumva kandi akavuga Ikinyarwanda, imvugo ye iba ikeneye gukosorwa buhorobuhoro ndetse no gukungahazwa kugira ngo akure arushaho kwisanzura mu rurimi rwe.

Nubwo abanyeshuri bo mu kiciro cya kabari baba bazi gusoma no kwandika, basabwa gukora imyitozo inyuranye yo kubihamya kandi bakitoza gusesengura no guhimba imyandiko bahereye ku ngero bize. Umwarimu yerekera abanyeshuri, akabayobora, akabatera inkunga, akabakosora kugira ngo batunganye interuro zabo, batore kwitegereza, kwigana, isuku no kunoza umukono.

Inyigisho y'Ikinyarwanda ifatira ku mwandiko. Umwandiko ugomba kuba ari intangarugero ku miterere yawo no ku ngingo ziwurimo. Umwandiko umwe ushobora gukoreshwaho imyitozo yo gusoma, kwiyungura amagambo, gusesengura, gutahura ingingo z'ingenzi n'ubumenyi bw'indangamuco kimwe n'imihimbire igendeye kuri buri bwoko bw'umwandiko.

2.2. Ubushobozi

Ubushobozi ni ububasha bwo gukora umurimo uyu n'uyu wihariye uko bikwiye hashingiwe ku bumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha bijyanye n'ibyo wize. Poritiki z'Igihugu zishingiye ku byo Igihugu gikeneye zerekana ubushobozi bw'ibanze n'ubushobozi nsanganyamasomo bishingirwaho mu kubaka imitekerereze yagutse. Muri iyi nteganyanyigisho ubushobozi bw'ibanze bugaragarira mu bushobozi bugamijwe muri buri mutwe, muri buri mwaka ndetse no mu kiciro. Ibikorwa by'umunyeshuri bigomba gushingira ku byo ashobora gukora kugira ngo hatezwe imbere ubushobozi bugamijwe mu gihe yiga cyangwa arangije umutwe w'ibyigwa runaka.

2.2.1. Ubushobozi nsanganyamasomo

Ubushobozi nsanganyamasomo ni ubushobozi butihariwe n'inyigisho imwe; ahubwo butezwa imbere mu masomo anyuranye, mu bihe bitandukanye ndetse no mu kazi kanyuranye. Ubushobozi bw'ingenzi mu myigire n'imyigishirize abarimu bagomba kwitaho busobanuye ku buryo bukurikira:

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo**: Ubu bushobozi buzafasha umunyeshuri gutekereza ahanga no gushyira mu gaciro ku buryo bwaguye bituma abonera ibisubizo ibibazo ahura na byo mu buzima bwa buri munsi.

-**Guhanga udushya**: Kunguka ubu bushobozi bizafasha umunyeshuri gufata iya mbere agatekereza ahereye ku byo azi, maze agahanga ibintu bishya.

-**Ubushakashatsi**: Ubu bushobozi buzafasha umunyeshuri gukemura ibibazo ahereye ku makuru no ku bumenyi busanzweho no gusobanura ibintu ahereye ku makuru yakusanyije.

-**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu**: Ubu bushobozi buzafasha abanyeshuri gusabana n'abandi nta mususu no gutanga ibitekerezo byabo ku buryo buboneye mu mvugo no mu nyandiko bakoresha imvugo n'amagambo bikwiye. Kubera iyo mpamvu, abarimu bose nubwo baba batigisha indimi basabwa kugenzura ko abanyeshuri bakoresha uko bikwiye ururimi rwigishwamo.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi**: Ubu bushobozi buzafasha abanyeshuri gukorana n'abandi mu matsinda, mu kazi ako ari ko kose bahawe barangwa n'imyitwarire n'indangagaciro bikwiye, bubaha uburenganzira, ibitekerezo n'imyitwarire binyuranye n'ibyabo. Ibi bizafasha kandi abanyeshuri gukora ibikorwa bijyanye no kubungabunga ibidukikije, gukora ubuvugizi ku byerekeye ubuzima bwabo n'ubw'umuryango bita ku isuku n'imirire iboneye kandi nanone bakemura ibibazo bahura na byo mu buzima.

-**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi**: kunguka ubu bushobozi bizafasha abanyeshuri kujyana n'igihe biyungura ubumenyi n'ubumenyi ngiro batarinze gufashwa muri byose. Ibi bizabafasha kandi kujyana n'iterambere bibanda ku bumenyi n'ubumenyi ngiro bikenewe.

2.2.2. Ubushobozi rusange bugamijwe mu nyigisho y'Ikinyarwanda

Integanyanyigisho y'ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza igomba kugeza umunyeshuri ku bushobozi bukurikira:

-Kumara umwanya yumva ibitekerezo abwirwa cyangwa asomerwa, cyangwa akurikiranye ubutumwa bunyuzwa mu mafirime no mu bitangazamakuru binyuranye;

-Kuvuga ashize amanga atanga ibitekerezo bye bwite, atanga ingingo zishyigikira cyangwa zivuguruza ibitekerezo by'abandi;

-Guhitamo ingingo zihwitse zihuje n'insanganyamatsiko kandi zibereye ababwirwa;

-Kwigana abantu batandukanye mu biganiro mpaka, mu ikinamico no gukinira imbere y'abantu b'ibyiciro bitandukanye;

-Gusoma adategwa imyandiko miremire ibara inkuru z'ibiriho cyangwa byabayeho n'ibara inkuru z'ibihimbano, agasobanura insanganyamatsiko z'ingenzi zirimo;

-Gusobanura ibiranga ururimi rukoreshwa mu nyandiko bitewe n'ikigamijwe, nko kumvikanisha igitekerezo, gutambutsa inyigisho cyangwa gususurutsa;

-Kwandika imyandiko miremire irimo inkuru, imivugo, udukinamico, ibisobanuro, inyandiko mvugo, akoresheje imvugo zinyuranye kandi yubahiriza amategeko y'imyandikire, imyubakire y'interuro n'imiterere iboneye y'imyandiko;

-Guhitamo ubwoko bw'umwandiko n'amagambo bitewe n'intego yihariye n'abo abwira;

-Kunonosora ibyo yanditse, kubijyaho impaka na bagenzi be no kujora umwandiko yakoze ubwe cyangwa iy'abandi mu buryo buboneye;

-Kwiyungura amagambo, kurushaho gusoma neza no kwandika neza akoresheje ubumenyi ngiro afite ku myubakire y'amagambo (imiterere n'uturango by'amagambo) no kwitabaza imfashanyigisho zose zamufasha mu kwiyungura ubumenyi;

-Gukoresha amategeko y'ibanze y'ikibonezamvugo ku rwego rw'imyubakire y'amagambo, interuro, imyandiko, hamwe n'uturango tw'ingeri zinyuranye z'imyandiko.

2.2.3. Ikinyarwanda no kwimakaza ubushobozi bugamijwe

Poritiki y'Igihugu mu myigishirize y'Ikinyarwanda ni ugutoza umunyeshuri w'Umunyarwanda umuco wo gusoma akiri muto ndetse no guhanga ahereye ku ngero z'imyandiko y'ubuvanganzo yigishijwe. Usibye ubushobozi bwo kuvuga, kumva, gusoma no kwandika neza Ikinyarwanda, umunyeshuri ahabwa ubushobozi n'ubumenyi ngiro rusange bimufasha kwibeshaho no kubana neza n'abandi.

Muri iyi nteganyanyigisho nshya twitaye kandi ku bumenyi ngiro ku buryo bw'umwihariko kugira ngo dufashe abana b'u Rwanda mu buzima bwabo bwa buri munsi kandi tubashishikarize kwita ku bibazo bibangamiye isi muri rusange n'Igihugu cyacu ku buryo bw'umwihariko. Ingingo zitaweho cyanecyane ni umuco nyarwanda, isuku, umuryango, ibidukikije, uburenganzira bw'umwana, kwirinda no gukumira ihohoterwa, gukunda Igihugu, umuco w'amahoro, inyamaswa zo mu rugo, indyo yuzuye, kuzigama, inshingano z'abana, imiyoborere myiza, itumanaho n'ikoranabuhanga, iterambere, imyuga gakondo, inyamaswa zo mu gasozi, ndetse n'imikino n'imyidagaduro.

Iteka mu kwigisha Ikinyarwanda bahera ku myandiko bagakora isesengura ryayo, bikabafasha kubaka ubushobozi bwo gushishoza. Ibiganiro mpaka ku nsanganyamatsiko zinyuranye bifasha abanyeshuri kubaka umuco wo gukemura ibibazo, kwihanganirana ndetse no gutanga ibitekerezo byabo mu bworoherane. Batozwa kandi no gukora ubushakashatsi, bahabwa imyitozo inyuranye ituma bitabira kuvumbura ibyo batari bazi, basoma ibitabo binyuranye, bashakisha amakuru anyuranye kugira ngo bashobore guhanga udushya. Imyandiko inyuranye ku buvanganzo nyarwanda ibafasha gucengera umuco nyarwanda, bagatozwa guhanga bafatiye ku byo abakurambere babasigiye. Abanyeshuri bakangurirwa gukorera mu matsinda kugira ngo bibacengezemo gukorana no gushyikirana n'abandi.

2.3 Indangagaciro

Indangagaciro ni imyemerere, amahame, n'imyitwarire bikomoka ku muco abantu bahuriyeho, bikagira ingaruka ku buryo abantu batekereza, biyumva, bafata ibyemezo, bakorana n'abandi, no gukoresha ubumenyi, ubuhanga n'imyitwarire mu bihe bitandukanye. Integanyanyigisho Ishingiye ku Bushobozi yibanda ku ndangagaciro nk'ishingiro ry'imyitwarire, imibanire n'umuco mu myigire bifasha umunyeshuri kuba umuturage ufata inshingano. Mu Nyandiko ngenderwaho y'Integanyanyigisho y 'u Rwanda (Rwand curriculum Framework), indangagaciro zashyizwe mu byiciro bibiri by'ingenzi: Indangagaciro zishingiye ku nteganyanyigisho, ziyobora imitekerereze, imiterere, n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'uburezi; hari n'Indangagaciro Shingiro, zikubiyemo imyitwarire ndangamuco, uburere mboneragihugu, n'imyitwarire abanyeshuri bitezweho kugaragaza mu buzima bwabo bwa buri munsi. Ibi byiciro byombi by'indangagaciro bigira uruhare mu gutegura umuturage ufite ubushobozi bwo gufata inshingano, kwigira, no gutanga umusanzu we mu muryango mugari.

2.3.1 Indangagaciro zishingiye ku Nteganyanyigisho

Gutsinda neza: Guharanira kugera ku rwego rwo hejuru mu myigire, imyitwarire, n'imikorere idatezuka kandi iboneye, kuzamura urwego rw'imitsindire hagendewe ku bujyanama butangwa ku bigomba kunozwa. Ibi bigaragarira mu gukora umurimo unoze, gutera imbere bihoraho no kubera abandi urugero.

Kugira intego n'ibyiringiro: Kwizera ubushobozi bwawe no guharanira kugera ku ntego wifitiye ikizere, kudacika integer no kwitega ibyiza. Bikubiyemo kubona ibibazo nk'amahirwe yo gutera imbere no kwiremamo ikizere no kukirema mu bandi.

Uburinganire n'ubudaheza: Guha agaciro buri muntu binyuze mu gukorera mu mucyo, hatangwa amahirwe angana, kugira uruhahare kuri bose. Bigaragarira mu kubahana, gufashanya, no kurwanya ivangura n'ihezwa.

Gukorera mu mucyo no mu kuri: Gukora ibintu mu bunyangamugayo, mu buryo buboneye, no kubazwa inshingano hatezwa imbere uruhare rwa buri wese. Bigaragarira mu gusangizanya amakuru mu buryo buboneye, gufata ibyemezo biboneye, kwemera kugirwa inama no kubana neza n'abandi.

Akamaro k'umuryango, umuco n'umurage nyarwanda: Gusobanukirwa uruhare rw'umuryango, umuco, n'umurage gakondo mu kurema ubumuntu, indangagaciro, kwiga n'iterambere mu mibanire n'abandi. Bigaragarira mu kubaha abo mufitanye isano, kugira uruhare mu buzima bw'umuryango mugari, no kwishimira kugira uruhare mu bikorwa by'umuco gakondo.

Umunyeshuri ku isonga: Gushyira umunyeshuri ku isonga mu burezi hagendewe ku byo akeneye, ibyo yishimira, ubushobozi bwe n'ibyo yahuye na byo, kugira ngo agire uruhare runini mu myigire ye. Bigaragarira mu myigire ifite ibikenerwa bihagije, bifasha abanyeshuri kugira uruhare, kuvumbura, gufatanya, kwisuzuma no gufata inshingano mu myigire yabo.

2.3.2 Indangagaciro Shingiro

Kwihesha agaciro n'Ubunyangamugayo: Kubungabunga agaciro kawe no kudatezuka ku mahame ngenga myitwarire n'ay'ubunyangamugayo. Bigaragarira mu kuvuga ukuri, gufata inshingano, kwiyubaha no kubaka abandi, no gukora igikwiriye n'iyo utabisabwa.

Kwigira: Gufata inshingano mu myigire yawe, mu gufata ibyemezo no mu kubaho neza binyuze mu bwitange, mu kwigirira ikizere, no mu bikorwa umuntu akora ku giti ke. Bikubiyemo gukemura ibibazo, gufata neza ibikoresho no gufata ibyemezo biboneye.

Ndi Umunyarwanda: Gushima no guteza imbere umurage nyarwanda, indangagaciro zawo, ururimi, umuco gakondo n'Ikerekezo k'Igihugu. Bigaragarira mu gushimishwa n'ishema ry'Igihugu, kubaha umurage gakondo n'inzego za Leta, no kwiyemeza ubumwe n'ubufatanye by'abenegihugu.

Umuco w'amahoro n'Ubworoherane: Kubana neza n'abandi binyuze mu kubaha ibyo batandukaniyeho no gukemura amakimbirane mu buryo buboneye. Bigaragarira mu kumva abandi, kuganira mu bwubahane, ubwiyunge, no gushyigikira amahoro arambye.

Ubutabera: Guteza imbere gukorera mu mucyo, uburinganire, kubaha amategeko, uburenganzira bwa muntu, no gufata inshingano. Bigaragarira mu gufata ibyemezo bitabogamye, bishingiye ku mahamwe mbonezamubano, gukurikiza amategeko uko ari, no kurwanya akarengane.

Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu: Kuzirikana no kubungabunga agaciro, uburenganzira no kwishyira ukizana bya buri muntu. Bigaragarira mu kinyabupfura, kumva abandi, ubudaheza, kubaha ibyo abantu batandukaniyeho no kurengera uburenganzira bw'abandi.

Ubufatanye na Demokarasi: Gufanya n'abandi mu kwitabira ibikorwa by'inyungu rusange, gusaranganya inshingano, n'ubufatanye mu gufata ibyemezo. Bigaragarira mu gukorera hamwe, mu bikorwa bihuza abaturage, gufata inshingano mu muryango mugari no kubaha ibitekerezo by'abandi.

Gukunda Igihugu: Kwerekana urukundo, ubudahemuka n'ubwitange mu guharanira iterambere ry'u Rwanda. Bigaragazwa binyuze mu nshingano mboneragihugu, kwitabira rusange, guteza imbere ubumwe bw'Igihugu no kugaragaza isura nziza y'Igihugu.

Kwitangira umurimo : Gukoresha imbaraga zihoraho, ubwitange, umuhate no gukorera ku ntego mu gusohoza inshingano. Bigaragarira mu kwihangana, gukoresha neza igihe, kwibwiriza no kwiyemeza ku musaruro ushimishije.

Kwiyemeza no Kwihangana: Kudatezuka ku ntego no gukomeza kujya mbere hatitawe ku mbogamizi n'ibicantege. Bigaragarira mu kwihangana, kwakira impinduka, kwigara ku makosa, kugenzura imbamutima no kwiyemeza gutsinda.

3. IMBONEZAMASOMO

Abanyeshuri biga neza iyo bagira uruhare mu myigire yabo kandi badafata mu mutwe gusa ahubwo bagira uruhare mu bikorwa bakora. Nubwo gukorera mu matsinda bifite akamaro, ni ngombwa no kwita kuri buri munyeshuri kugira ngo umwarimu amenye ingorane buri munyeshuri ahura na zo mu isomo ry'Ikinyarwanda. Imyigishirize y'Ikinyarwanda igomba guhera ku mfashanyigisho zifatika, zifite aho zihuriye n'umuco, amateka, ibidukikije

n'imibereho y'Abanyarwanda kandi zijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri. Iryo yigisha rizaha umunyeshuri uruhare runini rwo kumva, kuvuga, gusoma, kwandika, gutekereza, gushyira mu gaciro no kwerekana imbamutima ze ashize amanga.

Buri somo rigomba kugira intego zeruye kandi uburyo bwo kuzigeraho ntibugore umunyeshuri ndetse n'umwarimu. Umwarimu agomba kwita ku kigero cy'umunyeshuri kandi akamufasha kwiyigisha. Ni ngombwa rero guhera ku byo umunyeshuri azi, bigaragara, byuzuye, mbere yo gusingira ibyitwa mpisho cyangwa ibigize ibyo byuzuye. Birakwiye guhera ku mvugo, ku nteruro yo ntango y'ubwumvane n'umushyikirano kugira ngo bifashe abanyeshuri kwivumburira ikigwa cy'umunsi.

3.1. Uruhare rw'umwarimu

Mu ivugurura ry'izi nteganyanyigisho, hitawe cyane ku gukundisha umunyeshuri ururimi kavukire rwe ahabwa uruhare runini mu myigire ye. Umwarimu agomba gutoza abanyeshuri gufutura ibitekerezo byabo mu mvugo no mu nyandiko. Ntabwo rero umwarimu ashinzwe guhata abanyeshuri ubumenyi gusa; ahubwo agomba kubatoza umuco wa kimuntu, akabakosora, akabahwitura, akabasobanurira, akaberekera, akabatoza umuco nyarwanda, akabaha Ubumenyi ngiro buzabafasha mu buzima busanzwe, akabagira inama ku buryo abanyeshuri babona ko bitaweho kandi ko umwarimu ahora abafasha gutsinda ingorane. Abanyeshuri bagomba gutozwa umuco wo gusoma no kwandika bakiri bato, bakora imyitozo yo gusoma imyandiko n'inkuru binyuranye kandi banahimba inkuru n'imyandiko bigana ingero bahabwa n'umwarimu. Umwarimu agomba kugena igihe gikwiye ku ishuri, agakangurira abanyeshuri gutira ibitabo, kubisoma, gukora inshamake yabyo no kubitangariza bagenzi babo mu ishuri.

Umwarimu agomba gukeneka umushyikirano nyigisho, agahora atera umunyeshuri ishyushyu ryo kumenya no kunguka ubushobozi mu byo yiga, afutura neza intego y'isomo. Umwarimu afite uruhare rwo kuyobora umunyeshuri amufasha kuvumbura, amukosora, amwerekera kugira ngo amugeze ku ntego y'isomo. Ni ngombwa ko umwarimu amenya ibibazo abanyeshuri bafite kugira ngo mu gutegura isomo ateganye uburyo n'inzira aza gukoresha bitagira uwo biheza.

Umwarimu agena imfashanyigisho, agategura aho abanyeshuri bigira bitewe n'isomo ashaka kwigisha. Hari isomo ryatangwa neza ari uko ribereye hanze cyangwa se mu ishuri, rikorewe mu matsinda cyangwa abanyeshuri bari hamwe bose, byose biterwa n'imiterere y'isomo ndetse n'aho bigira. Ni ngombwa rwose guteganya urusobe rw'imyitozo mpamyanyigisho, igakosorerwa ahagaragara, maze abanyeshuri bose bakamenya ibisubizo nyabyo n'uko babigeraho. Uburyo bwo kurinda umunyeshuri umunaniro ni ukunyuranya mu isomo ibikorwa bitandukanye bituma umunyeshuri adahuga (atega amatwi, agasubira mu bivuzwe, agasobanura, agakosora, agasomera abandi, agasiganuza...) n'induhura zitanga akanya ko gufata akuka (kuganira, gusakuza, gukina n'ibindi).

3.2. Uruhare rw'umunyeshuri

Ibikorwa by'umunyeshuri bijyanye n'intego ibyigwa biba bigamije kandi abanyeshuri bagomba kubigiramo uruhare. Inyigisho y'Ikinyarwanda igomba gushingira ku munyeshuri. Ni yo mpamvu agomba guhabwa uruhare runini mu kumva, kuvuga, gusoma atagemura, kwandika anoza umukono kandi nta kosa, kwitegereza, gutekereza, gusesengura no guhanga. Umunyeshuri agomba kwitabira isomero, agatira ibitabo byo gusoma ndetse agakora inshamake yabyo ku buryo ahabwa umwanya wo kuyitangariza imbere ya bagenzi be. Ibi ni byo bituma umuco wo gusoma ugenda urushaho kwimakazwa mu banyeshuri.

3.3. Kwita ku bafite ibibazo byihariye

Abanyarwanda bose bagomba kugira uburenganzira n'inyungu bingana ku burezi bubagenerwa. Mu banyeshuri habonekamo abafite ibibazo byihariye; umwarimu asabwa kubitaho kugira ngo bashobore kujyana n'abandi. Umwarimu w'Ikinyarwanda agomba gukorana cyane n'umwarimu ushinzwe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye. Ibi bizamufasha kumenya neza abo banyeshuri bityo abashe kubaha ubufasha bukwiye kugira ngo azamure ubushobozi bwabo. Ibijyanye n'abanyeshuri bafite ibibazo byihariye ku buryo burambuye biri mu nyoborabarezi.

Umwarimu akwiriye kumenya ibibazo n'ingorane abanyeshuri bafite kugira ngo ashobore gutanga neza isomo rye. Agomba kwita ku banyeshuri batabona neza abicaza imbere kandi akandika inyuguti zigaragara kugira ngo

bose bazibone. Abafite ubumuga bwo kutumva na bo umwarimu abitaho akoresha imvugo y'amarenga kugira ngo babashe gusobanukirwa neza cyangwa avuga cyane yatura ijwi kugira ngo abanyeshuri bose babashe kumva. Hari ikindi gice cy'abanyeshuri badafata vuba na cyo umwarimu agomba kwitaho byaba ngombwa akabagenera umwanya wihariye kugira ngo bashobore kujyana n'abandi.

4. UBURYO BWO GUKORA ISUZUMA

Isuzuma ni ikurikirana ry'imyigire y'umunyeshuri hakusanywa ibimenyetso bijyanye n'uburyo buri munyeshuri yiga ndetse no gufata umwanzuro ku byo umunyeshuri yagezeho hashingiwe ku bipimo byagenwe mbere yo gukora isuzuma. Isuzuma ni igice k'ingenzi mu myigire n'imyigishirize. Muri iyi nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, isuzuma na ryo rigomba gushingira ku bushobozi, ahoumunyeshuri ashobora gukora umwitozo ujyanye n'ubuzima bwa buri munsi ashyira mu bikorwa ibyo yize.

Isuzuma riteganyijwe ku buryo bukurikira: hari isuzuma rikorerwa mu ishuri, ku rwego rw'ikigo n'urw'Akarere. Hari kandi isuzuma ryo kureba ibyagezweho mu myigire mu mashuri yo mu Rwanda ndetse n'ibizamini bya Leta.

4.1. Ubwoko bw'isuzuma

4.1.1. Isuzuma ritata

Isuzuma ritata ni isuzuma rikorwa mbere yo gutangira amasomo kugira ngo hamenyekane ubumenyi n'ubushobozi abanyeshuri basanganywe. Iri suzuma rikorwa ku ntangiriro y'isomo kugira ngo riyobore imyigishirize.

4.1.2. Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize

Mu isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize hakoreshwa uburyo buziguye n'ubutaziguye busanzwe bukoreshwa n'amashuri mu gusuzuma ko abanyeshuri biga uko bikwiye. Mu gihe umwarimu ategura isomo rye, agomba kugena ingingo ngenderwaho mu gusuzuma urwego rw'ubushobozi (ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha) abanyeshuri

bategerejwe kugeraho. Mu gusoza umutwe, umwarimu asuzuma niba abanyeshuri bose bashoboye kugera uko bikwiye ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe ahereye ku bigenderwaho mu isuzuma byateganyijwe mu ntangiro y'umutwe. Umwarimu azasuzuma uko abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bukubiye mu byigwa ndetse n'ubushobozi nsanganyamasomo. Ibi bizafasha umwarimu kubona ishusho rusange y'iterambere mu myigire y'abanyeshuri. Mu isuzuma, umwarimu azakoresha bumwe cyangwa impurirane y'uburyo bukurikira: (a) kwitegereza, (b) ibibazo basubiza bavuga, (c) ibibazo basubiza bandika.

4.1.3. Isuzuma rikomatanya

-Isuzuma risoza igihembwe cya mbere:

Ni isuzuma rikorwa nyuma y'igihembwe cya mbere kugira ngo hagenzurwe ibyo abanyeshuri bagezeho mu masomo bize muri icyo gihembwe. Iryo suzuma ritegurwa kandi rigatangwa n'ikigo k'ishuri.

-Isuzuma risoza igihembwe cya kabiri:

Ni isuzuma rikorwa nyuma y'igihembwe cya kabiri kugira ngo hagenzurwe ibyo abanyeshuri bagezeho mu masomo bize muri icyo gihembwe. Iryo suzuma ritegurwa n'amashuri, rigasuzumwa n'akarere, amashuri akaritanga.

-Isuzuma risoza igihembwe cya gatatu:

Ni isuzuma rikorwa nyuma y'igihembwe cya gatatu rigamije gupima ubumenyi bwose abanyeshuri bungutse mu masomo yo mu mwaka wose. Iryo suzuma ni iry'Igihugu, ritegurwa kandi rikagenzurwa na NESA.

-Ibizami bya Leta (NESA):

Ibizami bya Leta bikorwa ku rwego rw'Igihugu, bigakorwa n'abanyeshuri barangije ikiciro cy'amashuri abanza (P6), ikiciro rusange cy'amashuri yisumbuye (S3) n'ikiciro cya kabiri cy'amashuri y'isumbuye (S6). Ibi bizami bitegurwa kandi bigatangwa na NESA. Ibizamini bya Leta bifite agaciro kanini kuko bigamije gufatira umunyeshuri ikemezo cyo kumwimura ava mu kiciro kimwe ajya mu kindi kiciro. Iki kizamini kiba kirimo ibibazo byateguwe neza

bishingiye ku ntego zagombaga kugerwaho mu kiciro kandi byose bihuzwa n'amahame ya CBC kugira ngo bipime ubushobozi bw'abanyeshuri mu buryo bwuzuye.

Impuzandengo y'amanota y'isuzuma y'ibizami by'ikigo k'ishuri, iby'akarere n'ibyisuzuma rusange ritegurwa rikanagenzurwa na NESA izongerwa ku manota y'ibizamini bya Leta. Ayo manota azongerwa ku bizamini bya Leta azaba ari 10% y'impuzandengo y'ayo manota. Icyakora iri janisha rizagenda ryiyongera buhorobuhoro uko abarimu bazagenda bagira uburambe mu bikorwa byo gusuzuma.

4.2. Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma

Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma ni ugukusanya ibigaragaraza ko isuzuma ryakozwe no kubiha agaciro hagendewe ku bipimo byagenwe mbere. Uburyo ubwo ari bwo bwose bwaba bwakoreshejwe mu isuzuma bugomba gutanga amakuru abarwa mu manota yandikwa cyangwa hakoreshejwe ibindi bipimo, bikabikwa neza ku buryo hagaragazwa intambwe igenda iterwa mu myigire. Ibi bigira uruhare mu gutegura ibikorwa cyangwa ingamba zihariye bituma inyigisho zumvikana kurushaho. Ibyavuye mu isuzuma kandi bishingirwaho n'umwarimu mu gihe atanga inama ku banyeshuri n'ababyeyi.

Ubu buryo bujyanye no kubika mu idosiye imwe (mu nyandiko cyangwa ku buryo bw'ikoranabuhanga) amasuzuma yose y'umunyeshuri ndetse n'ibyayavuyemo ugaragaza aho umunyeshuri afite intege nke cyangwa adafite ibibazo mu myigire ye. Kubika mu idosiye imwe inyandiko igaragaza amasuzuma umunyeshuri yakoze, ntabwo ari ukubika gusa impapuro z'amasuzuma yakozwe (impapuro n'imikoro); ahubwo ni no kubika inyandiko z'imyitozo yose umunyeshuri akora ijyanye n'imyigire ye. Ibyavuye mu isuzuma ni byobizagaragaza ko umunyeshuri yakurikiye neza mu ishuri mbere y'uko akora isuzuma risoza.

4.3. Gutegura ibibazo by'isuzuma rikomatanya

Ibibazo by'isuzuma rikomatanya bigamije gupima ubumenyi bw'abanyeshuri bigomba kuba bikwiye, byizewe kandi bihuje n'amahame y'Integanyanyigisho ishingiye ku Bushobozi (CBC). Bigomba gupima ubumenyi butandukanye,

kubushyira mu bikorwa, gusesengura no gushyira mu bikorwa indangagaciro, mu gihe bigaragaza ibibazo byo mu buzima bwa buri munsi. Abategura ibibazo bakurikiza uburyo bukurikira:

--Guhitamo insanganyamatsiko zizasuzumwa zishingiye ku nteganyanyigisho y'isomo;

-Gushyiraho ibikubiye mu masomo bigomba kugenderwaho mu isuzuma;

-Kumenya intego z'amasomo zigomba gusuzumwa;

-Gutegura imbonerahamwe igaragaza ibigenderwaho by'ingenzi mu isuzuma;

-Gutegura ibibazo hakoreshwa inshinga ziri mu rwego rwo hejuru zisaba ko umunyeshuri asubiza yabanje gutekereza aho gusubiza ibyo yafashe mu mutwe gusa;

-Gushyira mu bikorwa uburyo bunoze kandi buhoraho bwo guha amanota;

-Guha agaciro ubumenyi bwo ku rwego rwo hejuru nk'uko bigaragara mu nteganyanyigisho.

4.4. Imiterere y'ibizamini bya Leta

Mu gusoza amashuri abanza, abanyeshuri bakora ikizamini cya Leta kigamije gusuzuma ubushobozi bwo gusoma no kwandika, kubara, ndetse n'ubumenyi-ngiro mu masomo y'ingenzi. Mu isomo ry'Ikinyarwanda, hakorwa ikizamini kimwe. Iki kizamini gikoresha ubwoko butandukanye bw'ibibazo, nk'ibibazo by'inyunguramagambo, ibyo kumva no gusesengura umwandiko, ibibazo by'ubumenyi rusange bw'ururimi n'ibibazo by'ihangamwandiko. Ibyo bibazo byose biba bisuzuma intego zari zigamijwe mu kiciro cy'amashuri abanza kandi bikurikije amahame ya CBC.

4.5. Gukorera ababyeyi raporo y'isuzuma

Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda iteganya ko ababyeyi bahabwa raporo y'intambwe abanyeshuri bagenda batera mu myigire yabo. Ntabwo amanota yonyine ahagije mu kwerekana ko abanyeshuri bageze ku bigamijwe

mu ntego z'amasomo. Icyafasha cyane ni ukwerekana aho abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bugamijwe n'aho bafite intege nke hakenewe gushyirwamo imbaraga.

5. IBIKORESHO

Kugira ngo integanyanyigisho y'ikinyarwanda ishyirwe mu bikorwa hakenewe ibikoresho bihagije birimo ibitabo n'izindi mfashanyigisho kuko kutabigira byatuma hataboneka umusaruro ukwiye. Hakenewe kandi abarimu bashoboye kwigisha isomo ry'Ikinyarwanda.

5.1. Ibikoresho bizakenerwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi nteganyanyigisho

Hariho ubwoko butandukanye bw'ibikoresho bukenewe kugira ngo habeho uburyo bwiza bwo kwigisha no kwiga isomo ry'Ikinyarwanda. Ibyo bikoresho biha abanyeshuri amahirwe yo gushyira mu bikorwa ibyo bize, gutekereza byimbitse kandi bibafasha kugira ubushobozi bukwiye. Ibyo bikoresho ni ibi bikurikira:

- **Ibitabo byo kwigiramo n'ibitabo by'inyongera:** Ibitabo byo kwigiramo by'abanyeshuri, ibitabo byo gusoma, ibitabo by'umwarimu n'izindi mfashanyigisho bashobora kwifashisha mu gihe bigisha.
- **Ibikoresho bifasha mu kwigisha no kwiga:** Ibikoresho bifatika bifasha mu kwigisha nk' amakarita, amashusho, videwo, radiyo, imbuga z'uburezi, kwiga hakoreshejwe murandasi n'ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga byafasha mu kwigisha no kwiga.
- **Ibikoresho byo mu ishuri:** Amakarita ariho inyuguti, impapuro nini ziriho inyuguti, ibimenyetso by'amarangi, n'ibikoresho by'ibanze byo kwandika bifasha mu masomo ya buri munsi mu ishuri.
- **Ibikoresho byo mu isomero n'ahandi habikwa ibikoresho:** Kugira isomero ryuzuye rifite ibitabo byiyongera ku masomo, ibinyamakuru n'inyandiko z'inyunganizi ku muco n'indangagaciro.
- **Ibikoresho byo gusura ahantu:** Ibikoresho bifasha mu ngendo z'uburezi nk'inyandiko, ibitabo byo kwandikamo n'ibindi. Gusura ahantu no guhura n'abaturage ni ingenzi mu kwigisha no mu kwiga.

-**Ibikoresho by'umuryango n'umuco:** Kugera ahantu hari ingoro ndangamurage, ahantu h'umuco n'ahari inzibutso za Jenoside biha abanyeshuri uburyo bwo kubona ubuzima nyabwo bw'abanyarwanda bityo bakahakura indangagaciro n'imyitwarire ikwiye. **Ibikoresho by'isuzuma:** Imbonerahamwe y'amanota, urutonde rw'ibyo gusuzuma, ububiko bw'impapuro n'ibikoresho by'ibizamini bikenewe kugira ngo bishyigikire isuzuma rihoraho n'irisoza igihembwe mu buryo bujyanye n'intego zishingiye ku bushobozi.

Ibi bikoresho bigomba guhindurwa hakurikijwe ibikenewe n'abanyeshuri, hubahirizwa ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye kandi byorohereza abanyeshuri bafite ibibazo byihariye n'abafite ubumuga butandukanye.

5.2. Abakozi

Gushyira mu bikorwa neza iyi nteganyanyigisho bishingira cyane ku bakozi bafite ubumenyi, ubunyamwuga, n'ubushake. Abakozi b'ingenzi bakenewe ni aba bakurikira:

- **Abarimu:** Abarimu babifitiye ubumenyi, babigize umwuga, bafite ubumenyi buhambaye mu masomo n'ubuhanga mu myigishirize ishingiye ku munyeshuri, ituma bose bitabira kandi bakabasha kwinjiza buri wese mu myigire. Abarimu bagomba kwerekana ubunyangamugayo, kwihangana, kubaha abandi no kwita ku nshingano no kugira uburyo bwiza bwo gusuzuma ubumenyi bw'abanyeshuri.

- **Abafatanyabikorwa bo mu muryango:** Abayobozi b'amadini, abayobozi b'umuco n'abahanga mu nzego zitandukanye bashobora gutumirwa nk'abavugizi b'abashyitsi, abajyanama cyangwa abashinzwe gufasha mu kwigisha, kugira ngo bazamure ubumenyi bw'abanyeshuri binyuze mu bitekerezo bifatika kandi by'ukuri bijyanye n'aho batuye.

-**Ababyeyi n'ababarezi:** Bafatanya mu burezi batanga ubufasha bw'indangagaciro, bakurikirana iterambere ry'abanyeshuri kandi bafatanya n'abarimu mu gukomeza kwigisha indangagaciro, imyitwarire n'ubumenyi-ngiro mu rugo, bityo bigafasha mu iterambere ryuzuye ry'umunyeshuri.

Ubufatanye bwiza hagati y'aba bafatanyabikorwa buzatuma ishuri riba ahantu heza ho kwigira, ku buryo abanyeshuri bahabwa ubumenyi, ubumenyi ngiro ndetse n'indangagaciro bikenewe kugira ngo babe abantu buzuye mu bwenge, mu myitwarire myiza no mu kubana neza n'abandi.

5.3. Ubumenyi n'ubushobozi abarimu b'Ikinyarwanda bagomba kugira

Kwigisha neza Ikinyarwanda bisaba ko abarimu bagira ubumenyi bwagutse mu myigishirize, ubuhanga mu masomo n'ubushobozi bwo gukorana n'abandi. Ibi bituma bashobora gutanga uburezi bufite ireme, guteza imbere indangagaciro n'imyitwarire no gufasha abanyeshuri gukura mu buryo bwuzuye, hakurikijwe Integanyanyigisho Ishingiye ku Bushobozi (CBC). Ubumenyi n'ubushobozi bw'ingenzi bagomba kugira ni ubu bukurikira:

a) Ubumenyi bw'isomo

-Kuba inararibonye mu isomo ry'Ikinyarwanda, indangagaciro n'umuco kugira ngo amasomo atangwe neza kandi mu buryo bwuzuye.

-Ubumenyi bwo guhuza Ikinyarwanda n'andi masomo ndetse no guhuza amasomo n'ubuzima busanzwe.

b) Ubuhanga mu myigishirize

-Ubushobozi bwo gutegura no gutanga amasomo ashingiye ku munyeshuri kandi akoresha uburyo bwo kwigisha bugezweho, hakoreshejwe kujya impaka, gusoma inkuru, ibiganiro, imikino n'ibindi.

-Ubushobozi bwo kwinjiza mu isomo ingingo nsanganyamasomo.

-Ubushobozi bwo guhanga udushya, gutegura no gukoresha ibikoresho bitandukanye, harimo ikoranabuhanga (ICT), imfashanyigisho zifatika ziboneka aho batuye.

-Ubushobozi bwo guhindura uburyo bwo kwigisha hakurikijwe urwego rw'abanyeshuri kugira ngo bose bagire uruhare mu isomo.

c) Ubushobozi mu gusuzuma

-Ubuhanga mu gutegura no gukoresha isuzuma rihoraho n'iryo mu mpera y'igihembwe rihuye n'ubumenyi ngiro bw'integanyanyigisho.

-Gukoresha neza imbonerahamwe y'amanota, kubika inyandiko, urutonde rw'ibyo gusuzuma n'imyitozo kugira ngo hagenzurwe ubumenyi, ubumenyi ngiro, ubukesha/indangagaciro.

-Ubumenyi bwo gutanga ibitekerezo byubaka abanyeshuri no kubafasha kunoza ibyo biga.

d) Imicungire y'icyumba k'ishuri no kuyobora amasomo

-Ubushobozi bwo gushyiraho ahantu abanyeshuri biga batekanye, hubahiriza uburezi budaheza kandi hubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye.

-Ubumenyi mu kuyobora imirimo y'amatsinda, ibiganiro n'ibikorwa byo kwigira hamwe.

-Kumenya no kwitwara neza ku bibazo byaboneka mu cyumba k'ishuri.

e) Ubumenyi mu itumanaho n'imikoranire

-Ubushobozi bwo kuvuga no kwandika neza kugira ngo asobanurire abanyeshuri ibibazo bigoye, kujya impaka no gufasha abanyeshuri gutekereza neza.

-Kumva no kwishyira mu mwanya w'abandi kugira ngo basubize neza ibibazo by'amasomo n'ibyabo ku giti cyabo.

-Ubufatanye n'abandi barimu, ababyeyi, abayobozi b'amashuri n'abafatanyabikorwa mu muryango kugira ngo bashyigikire iterambere ryuzuye ry'umunyeshuri.

f) Ubumenyi mu kuyobora no guha inama

-Ubushobozi bwo gutanga inama z'umuco, ku banyeshuri, bifasha mu gukura neza mu myitwarire n'imibanire.

-Kugaragaza ubushake, kutarobanura no kwita ku banyeshuri mu myigire no mu kwigisha.

g) Ubumenyi bw'umwuga n'indangagaciro

-Kwiyemeza gukomeza kwiga no gukura mu mwuga binyuze mu gusubiramo ibyo bakora, amahugurwa, no gufatanya n'abandi.

--Kugaragaza ubunyangamugayo, kutarobanura no kugira imyitwarire myiza kugira ngo babe urugero rwiza ku banyeshuri.

-Kubasha guhuza amasomo n'inyigisho z'indangagaciro no guteza imbere umuco nyarwanda mu banyeshuri.

h) Ubumenyi mu bushakashatsi no guhanga udushya

-Kwitabira ibikorwa byo gusubiramo ibyo bigisha no gukora ubushakashatsi mu ishuri kugira ngo banoze neza imyigishirize.

-Gukoresha uburyo bushya n'ikoranabuhanga mu kwigisha kugira ngo abanyeshuri bitabire amasomo.

-Ubushobozi bwo guhuza amasomo n'aho abanyeshuri batuye ndetse n'aho isi igeze.

6. IMITWE Y'IYI NTEGANYANYIGISHO

6.1. Imiterere y'imitwe muri iyi nteganyanyigisho

Inyigisho y'Ikinyarwanda yigwa mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza nk'isomo. Ibyigwa mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza bikubiye mu mitwe cumi n'umunani (18). Ni ukuvuga ko buri mwaka ufite imitwe itandatu. Umutwe ushingiye ku nsanganyamatsiko iherwaho kugira ngo abanyeshuri bashobore gusoma, gusesengura no guhanga imyandiko ndetse no gukungahaza ubumenyi bwabo mu rurimi basesengura ikibonezamvugo.

Integanyanyigisho ya buri mwaka igizwe n'imbumbanyigisho zigabanyijwemo inyigisho zinyuranye naho inyigisho ikaba igabanyijwemo imitwe inyuranye. Buri mutwe ugira ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe kugerwaho mu gihe umaze kwigwa wose. Kugira ngo ubwo bushobozi bugerweho, hari intego z'ubumenyi, iz'ubumenyi ngiro n'iz'ubukesha zifasha umwarimu mu gutegura no gutanga isomo rye ashingiye ku byigwa binyuranye bigizwe n'ikibonezamvugo.

Intego zijyanye n'ubumenyi, umuntu yavuga ko ari zo ziri ku rwego rw'ibanze. Intego zijyanye n'ubumenyi ngiro ndetse n'ubukesha, umuntu yavuga ko ziri ku rwego rwisumbuye. Uru rwego rw'intego ni rwo rwibanzweho cyane mu ivugurura ry'iyi nteganyanyigisho. Kugira ngo umunyeshuri agire uruhare mu myigire ye, hateganyijwe kandi ibikorwa by'umunyeshuri bimufasha gukora ubushakashatsi, gukorera mu matsinda kandi bigatuma yubaka ubushobozi nsanganyamasomo.

Nyuma ya buri mutwe hari isuzuma rigamije kugenzura ko ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe bwagezweho uko bikwiye. Hateganywa kandi imfashanyigisho umwarimu yakwifashisha kugira ngo abashe gutanga isomo rye uko bikwiye.

Mu mwaka wa kane, hateganyijwe ibyumweru bitatu bibanza by'isubiramo, iryo subiramo ryibanda ku gusoma no kwandika neza bimwe mu bihekane byizwe mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza.

6.2. Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda yo mu wa kane

6.2.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mwaka wa kane

Umunyeshuri urangije umwaka wa kane w'amashuri abanza agomba kuba ashobora:

-Kwandika mu cyapa (inyuguti nto n'inkuru) amagambo n'interuro by'Ikinyarwanda bigizwe n'inyuguti zigize itonde ry'Ikinyarwanda;

-Gusoma mu cyapa (inyuguti nto n'inkuru) amagambo, interuro cyangwa utwandiko tugufi turimo inyuguti zigize itonde ry'Ikinyarwanda.

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO	INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA NO KWANDIKA IBIHEKANE N'INYUNGURAMAGAMBO	
IKINYARWANDA: Umwaka wa kane w'amashuri abanza	**Isubiramo**	**Umubare w'amasomo: 24**

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

-Gusoma no gusesengura umwandiko urimo ibihekane byasubiwemo;

-Gukoresha neza ibihekane mu mvugo no mu nyandiko.

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	**Ubumenyi ngiro**	**Ubukesha**		
Gutahura mu magambo, mu nteruro no mu mwandiko ibihekane mpy, pw, mpw, nsy, mvw, byw, ncy, shyw, nshw, njyw, myw, nshyw, mbyw, mfw, mvy, mvyw, pfw, pfy, vw, vy, ryw.	Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibihekane mpy, pw, mpw, nsy, mvw, byw, ncy, shyw, nshw, njyw, myw, nshyw, mbyw, mfw, mvy, mvyw, pfw, pfy, vw, vy, ryw.	Kugaragaza umuco wo gusoma amagambo, interuro n'inkuru zirimo ibihekane, cyanecyane izirimo ibihekane mpy, pw, mpw, nsy, mvw, byw, ncy, shyw, nshw, njyw, myw, nshyw, mbyw, mfw, mvy, mvyw, pfw, pfy, vw, vy, ryw.	**Imyandiko irimo:** mpy, pw, mpw, nsy, mvw, byw, ncy, shyw, nshw, njyw, myw, nshyw, mbyw, mfw, mvy, mvyw, pfw, pfy, vw, vy, ryw.	-Gusoma bucece no gusubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko yasomye; -Gusoma mu ijwi riranguruye basimburana;

				-Gushaka ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe, bakorera mu matsinda; -Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; -Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko; -Kumurika ibyavuye mu matsinda; -Gutahura mu mwandiko amagambo arimo ibihekane mpy, pw, mpw, nsy, mvw, byw, ncy, shyw, nshw, njyw, myw, nshyw, mbyw, mfw, mvy, mvyw, pfw, pfy, vw, vy, ryw.

				-Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo ibihekane mpy, pw, mpw, nsy, mvw, byw, ncy, shyw, nshw, njyw, myw, nshyw, mbyw, mfw, mvy, mvyw, pfw, pfy, vw, vy, ryw.

Ihuriro n'andi masomo:

-Amasomo mbonezamubano n'iyobokamana: Ibikorwa bijyanye no kwiteza imbere harimo n'ibikorwa remezo;

-Ubugeni n'ubukorikori: Gushushanya ibyo yumvise mu nkuru cyangwa muri kimwe mu bika byayo.

Ibigenderwaho mu isuzuma:

-Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko;

--Ubushobozi bwo gusoma atajijinganya, atagemura amagambo n'interuro birimo ibihekane byasubiwemo.

Imfashanyigisho: *Imyandiko irimo ibihekane byasubiwe, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zifatika, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda n'ibindi.*

6.2.2. Imbonerahamwe y'imitwe y'amasomo mu mwaka wa kane

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO	INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, INYUNGURAMAGAMBO, IYIGANTEGO N'IYIGANTERURO	
IKINYARWANDA: Umwaka wa kane w'amashuri abanza	**UMUTWE WA 1:** Iterambere	**Umubare w'amasomo: 30**

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

-Gusoma no gusesengura imyandiko ku iterambere, gushishikarira ibikorwa by'iterambere no kubishishikariza bagenzi be;

-Gukoresha neza utwatuzo mu nteruro mu gusoma no mu kwandika;

-Kwandika akoresha neza inyuguti nkuru aho bisabwa;

-Gutandukanya impuzanyito n'imbusane no kubikoresha neza mu nteruro.

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	**Ubumenyi ngiro**	**Ubukesha**		
-Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko;	-Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku iterambere; -Gukoresha neza mu nteruro amagambo yungukiye mu mwandiko;	-Gushishikarira gusoma no kwandika yubahiriza utwatuzo n'iyitsa; -Itumanaho rifasha mu kwiteza imbere;	**Imyandiko ku ngingo zerekeye:** -Kwiteza imbere binyuze mu myuga; -Ubwikorezi no gutwara abantu;	-Gusoma bucece nogusubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko yasomye; -Gusoma mu ijwi riranguruye basimburana;

-Gusobanura ibijyanye n'iterambere akurikije umwandiko yasomye n'ubumenyi afite ku iterambere; -Gusobanura imikoreshereze y'utwatuzo mu nteruro; -Gusobanura imikoreshereze y'inyuguti nkuru; -Gusobanura inyunguramagambo nk'imbusane n'impuzanyito.	-Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko utwatuzo mu nteruro; -Kwandika akoresha neza inyuguti nkuru aho bisabwa; -Gukoresha neza amagambo mu nteruro ayasimbuza imbusane cyangwa impuzanyito zayo.	-Gushishikarira ibikorwa by'iterambere no kubishishikariza bagenzi bawe; -Kurangwa no kwandika akoresha inyuguti nkuru aho bisabwa; -Kurangwa no gukoresha inyunguramagambo zitandukanye mu mvugo no mu nyandiko.	-Ibikorwa remezo by'iterambere. **Utwatuzo** -Akabago; -Akabazo; -Agatangaro. **Imikoreshereze y'inyuguti nkuru** Aho inyuguti nkuru zikoreshwa **Utwatuzo** -Akitso; -Agakato; -Akabago n'akitso.	-Gushaka ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe, bakorera mu matsinda; -Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; -Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko; -Kumurika ibyavuye mumatsinda; -Kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko; -Guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe; -Gukina imyandiko yasomwe yigana abanyarubuga bavugwamo; -Gushaka no kuvuga irindi herezo ry'inkuru yasomwe bikorewe mu matsinda; -Kungurana ibitekerezo ku ngingo yahawe;

			Impuzanyito n'imbusane -Inshoza y'impuzanyito / imvugakimwe; -Inshoza y'imbusane.	-Guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo; -Gutanga ingeroz'amagambo n'interuro birimo utwatuzo (akabago, akabazo cyangwa agatangaro); -Gutahura imikoreshereze y'inyuguti nkuru; -Kugaragaza amagambo atangijwe n'inyuguti nkuru mu nteruro; -Kuzuza cyangwa gusimbuza amagambo impuzanyito cyangwa imbusane zayo mu nteruro; -Gusomera mu isomero imyandiko yihitiyemo no kumurika inshamake y'ibyo yasomye; -Gukosora interuro yahawe ashyiraho utwatuzo dukwiye; -Gutahura impuzanyito n'imbusane.

Ihuriro n'andi masomo:

-Amasomo mbonezamubano n'iyobokamana: Ibikorwa bijyanye no kwiteza imbere harimo n'ibikorwa remezo;

-Ubugeni n'ubukorikori: Gushushanya ibyo yumvise mu nkuru cyangwa muri kimwe mu bika byayo.

Ubushobozi nsanganyamasomo

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

-**Ubushakashatsi:** Binyuze mu gushaka ibisobanuro by'amagambo atari asobanukiwe, no mu gihe bakora imikoro ibasaba kubaza abo babana.

-**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu:** Mu gihe bungurana ibitekerezo mu matsinda cyangwa bamurika ibyakorewe mu matsinda no mu mikoro yatanzwe.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

-**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** Binyuze mu gukora imikoro yahawe.

Indangagaciro shingiro

-**Kwigira:** Binyuze mu mikoro n'imyitozo umunyeshuri akora ku giti ke.

-**Umuco w'amahoro n'Ubworoherane:** Binyuze mu kubaha ibitekerezo by'abandi.

-**Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu:** Binyuze mu kugaragaza ikinyabupfura ku bantu bose, kudaheza no kudahutazanya.

-**Gukunda Igihugu:** Binyuze mu kungurana ibitekerezo ku byateza imbere igihugu.

-**Kwitangira umurimo:** Binyuze mu gukorana umurava no guharanira kugera ku iterambere.

-**Kwiyemeza no Kwihangana:** Binyuze mu kudacibwa intege n'imbogamizi n'imiruho bahura na byo mu rugendo rwo kwiteza imbere.

-**Ubufatanye na Demokarasi:** Binyuze mu gukorana neza mu matsinda no guha agaciro ibitekerezo by'abandi.

Ingingo nsaranganyamasomo – Umwarimu ahereye ku mashusho y'umwandiko "Umunsi udasanzwe" n'umwandiko "Bana duseruke", arasobanurira abanyeshuri ibijyanye n'uburezi budaheza. – Umwarimu ahereye ku mwandiko wa "Nyanshya na Baba" arasobanurira abanyeshuri ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango kubungabunga ibidukikije, ndetse no kwimakaza umuco w'amahoro.
Ibigenderwaho mu isuzuma: *Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko;* *Ubushobozi bwo gukoresha uko bikwiye utwatuzo;* *Ubushobozi bwo gukoresha inyuguti nkuru;* *Ubushobozi bwo gutandukanya impuzanyito n'imbusane no kubikoresha neza mu nteruro.*
Imfashanyigisho: *Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zifatika, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.*

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO	INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, INYUNGURAMAGAMBO, IYIGANTEGO N'IYIGANTERURO	
IKINYARWANDA: Umwaka wa kane w'amashuri abanza	**UMUTWE WA 2:** Kubana neza n'abandi	**Umubare w'amasomo: 32**

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

-Gusoma no gusesengura imyandiko ijyanye no kubana neza n'abandi;

-Kugaragaza ingingo z'ingenzi z'umwandiko no kuwuhina ahereye kuri izo ngingo z'ingenzi;

-Gukoresha neza amazina mu mvugo no mu nyandiko;

-Gukoresha inyuguti nkuru mu nyandiko zinyuranye;

-Gukoresha neza ntera mu mvugo no mu nyandiko.

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	**Ubumenyi ngiro**	**Ubukesha**		
-Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko;	-Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku mibanire n'abandi; -Guhina umwandiko yubahiriza amabwiriza;	-Kugaragaza imibanire myiza n'abandi no kurangwa n'umuco w'amahoro;	**Imyandiko ku ngingo zerekeye:** -Kubana neza n'abandi no kunganirana; -Kwemera kugirwa inama n'abantu b'inararibonye;	-Gusoma bucece no gusubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko yasomye; -Gusoma mu ijwi riranguruye basimburana;

-Gusobanura ibijyanye no kubana neza n'abandi biri mu mwandiko yasomye; -Gutahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko yasomye; -Gutahura inshoza n'amabwiriza y'ihinamwandiko;	-Gutandukanya no gukoresha neza amazina bwite n'amazina rusange no gukoresha neza amazina rusange mu bumwe no mu bwinshi; -Kwandika neza akorsha inyuguti nkuru; -Gukoresha neza ntera mu nteruro.	-Kurangwa no gukoresha neza ururimi rw'Ikinyarwanda mu mvugo no mu nyandiko.	-Ubumwe bw'Abanyarwanda no gukorera hamwe; -Gufasha abatishoboye. **Ingingo z'ingenzi z'umwandiko** -Inshoza y'ingingo z'ingenzi; -Uko bashaka ingingo z'ingenzi. **Ihinamwandiko** -Inshoza y'ihinamwandiko; -Amabwiriza y'ihinamwandiko. **Izina bwite n'izina rusange** -Gutahura izina bwite n'izina rusange;	-Gushaka ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe , bakorera mu matsinda; -Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; -Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko; -Kumurika ibyavuye mu matsinda; -Kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko; -Guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe; -Gukina imyandiko yasomwe yigana abanyarubuga bavugwamo; -Kungurana ibitekerezo ku ngingo yahawe;

-Gusobanura amazina bwite n'amazina rusange ndetse no gusobanura ubumwe n'ubwinshi by'amazina rusange; -Gusobanura imikoreshereze y'inyuguti nkuru; -Gusobanura ntera n'imiko-reshereze yayo.			-Inshoza n'uturango by'izina bwite -Inshoza n'uturango by'izina rusange. **Imikoreshereze y'inyuguti nkuru** Aho inyuguti nkuru zikoreshwa **Ubumwe n'ubwinshi by'amazina** Inshoza y'ubumwe n'iy'ubwinshi by'amazina **Ntera** -Inshoza ya ntera; -Uturango twa ntera.	-Gusomera mu isomero imyandiko yihitiyemo no kumurika inshamake y'ibyo yasomye; -Gukina ikiganiro; -Gutahura ingingo z'ingenzi z'umwandiko yasomye; -Guhina umwandiko yubahiriza uko bikorwa; -Gutahura izina bwite n'izina rusange mu nyandiko zinyuranye; -Gutahura no gukoresha inyuguti nkuru mu nyandiko zinyuranye; -Gutahura ubumwe n'ubwinshi by'amazina; -Gutahura ntera mu nteruro.
Ihuriro n'andi masomo: Amasomo mbonezamubano n'iyobokamana: Imibanire myiza n'abandi, kwemera kugirwa inama no gukorera hamwe.				

Ubushobozi nsanganyamasomo

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho, gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko no gutahura ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.

-**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu:** Mu gihe bakina ikiganiro, bungurana ibitekerezo mu matsinda cyangwa bamurika ibyakorewe mu matsinda no mu mikoro.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

-**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** Binyuze mu gukora imikoro yahawe.

Indangagaciro shingiro

-**Umuco w'amahoro n'Ubworoherane:** Binyuze mu kubaha ibitekerezo by'abandi.

-**Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu:** Binyuze mu kugaragaza ikinyabupfura ku bantu bose, kudaheza no kudahutazanya.

-**Ubufatanye na Demokarasi:** Binyuze mu gukorana neza mu matsinda no guha agaciro ibitekerezo by'abandi.

-**Gukunda Igihugu:** Binyuze mu kungurana ibitekerezo ku byafasha abaturage kubana mu mahoro.

-**Kwiyemeza no Kwihangana:** Binyuze mu kubabarira no kwihanganira abandi.

-**Kwihesha agaciro n'Ubunyangamugayo:** Binyuze mu myitwarire yo iboneye no kwirinda icyamutesha agaciro.

Ubutabera: Binyuze mu gucyaha no kudahishira uwakosheje.

Ingingo nsaranganyamasomo
– Umwarimu ahereye ku mashusho, y'imyandiko y'uyu mutwe arasobanurira abanyeshuri ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye n'uburezi budaheza. – Umwarimu kandi ahereye ku kibazo cyo gusesengura umwandiko "Ubumwe bw'Abanyarwanda", arasobanurira abanyeshuri ibijyanye na Jenoside.
Ibigenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko; Ubushobozi bwo gutahura ingingo z'ingenzi z'umwandiko yasomye; Ubushobozi bwo guhina umwandiko; Ubushobozi bwo gutahura izina bwite n'izina rusange mu nyandiko zinyuranye; Ubushobozi bwo gutahura ubumwe n'ubwinshi by'amazina; Ubushobozi bwo gutahura no gukoresha inyuguti nkuru mu nyandiko zinyuranye; Ubushobozi bwo gutahura ntera no gukoresha mu nteruro.
Imfashanyigisho: *Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zifatika, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.*

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO	INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, INYUNGURAMAGAMBO, IYIGANTEGO N'IYIGANTERURO	
IKINYARWANDA: Umwaka wa kane w'amashuri abanza	**UMUTWE WA 3:** Umuco nyarwanda	**Umubare w'amasomo: 48**

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

-Gusoma no gusesengura imyandiko ijyanye n'umuco nyarwanda;
-Guhanga no kwivuga ibyivugo by'amahomvu ashize amanga;
-Guhanga no gutera urwenya na byendagusetsa ashize amanga;
-Gukina n'abandi umukino w'ibisakuzo yubahiriza uko uwo mukino ukinwa;
-Gukoresha neza amagambo aranga amasano yo mu muryango;
-Gukora interuro wubahiriza isanisha rikwiye;
-Gufata mu mutwe uturingushyo no kutuvugira mu ruhame ashize amanga.

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	**Ubumenyi ngiro**	**Ubukesha**		
-Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko;	-Gusoma no gusesengura imyandiko ijyanye n'umuco n'indangagaciro nyarwanda;	-Kurangwa n'umuco n'indangagaciro z'umuco nyarwanda aho uri hose;	**Imyandiko ku ngingo zerekeye:** -Umuco wo gutabarana;	-Gusoma bucece no gusubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko yasomye; -Gusoma mu ijwi riranguruye basimburana;

-Gusobanura indangagaciro z'umuco nyarwanda no gutahura mu mwandiko ingingo z'umuco; -Gusobanura inshoza y' umugani muremure; -Gutahura uturango tw'imigani miremire; -Gusobanura neza amagambo aranga amasano yo mu muryango; -Gutahura inshoza y'ibisakuzo no gusobanura uko umukino wo gusakuza ukinwa;	-Gusesengura umugani muremure agaragaza uturango twawo; -Guca umugani muremure; -Gukoresha neza amagambo aranga amasano yo mu muryango; -Gukina n'abandi umukino w'ibisakuzo wubahiriza uko uwo mukino ukinwa; -Gusanisha neza mu nteruro; -Gusesengura imigani migufi, agaragaza ibitekerezo bikubiyemo;	-Gushishikarira no gushishikariza abandi kwivuga, gusakuza no gutera urwenya na byendagusetsa; -Kurangwa no gukoresha neza amagambo aranga amasano. -Kunoza imvugo y'Ikinyarwanda akoresheje imigani migufi n'uturingushyo.	-Umuco wo kwiyereka, gusakuzanya, kwivuga no kuvuga uturingushyo. **Umugani muremure** -Inshoza y'umugani muremure; -Uturango tw'umugani muremure. **Amasano yo mu muryango muto** Umuryango wa bugufi **Ibisakuzo** -Inshoza y'ibisakuzo; -Uko umukino w'ibisakuzo ukorwa.	-Gushaka ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe, bakorera mu matsinda; -Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; -Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko; -Kumurika ibyavuye mu matsinda; -Kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko; -Guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe; -Kungurana ibitekerezo ku ngingo yahawe; -Gusomera mu isomero imyandiko yihitiyemo no kumurika inshamake y'ibyo yasomye; -Gutahura inshoza y'umugani muremure n'uturango twawo;

-Gusobanura uko isanisha rikorwa mu nteruro; -Gusobanura inshoza y'umugani mugufi; -Gutahura uturango tw'imigani migufi; -Gusobanura ibyivugo by'amahomvu; -Gusobanura urwenya na byendagusetsa n'itandukaniro riri hagati yabyo; -Gutahura inshoza y'uturingushyo.	-Guhanga no kwivuga ibyivugo by'amahomvu ushize amanga; -Guhanga no gutera urwenya na byendagusetsa ushize amanga; -Gufata mu mutwe no kuvuga akaringushyo.		**Isanisa mu nteruro** Inshoza y'isanisha **Imigani migufi / y'imigenurano** -Inshoza y'umugani mugufi; -Uturango tw'umugani mugufi. **Ibyivugo by'amahomvu** -Inshoza y'ibyivugo by'amahomvu; -Uturango tw'ibyivugo by'amahomvu.	-Guca umugani muremure; -Gutahura amasano yo mu muryango muto; -Gutahura inshoza y'ibisakuzo n'uburyo umukino w'ibisakuzo ukinwa**;** -Guhuza amashusho n'ibisakuzo byatanzwe; -Gukina umukino wo gusakuzanya na bagenzi be; -Gutahura uko amazina yisanisha n'andi magambo mu nteruro; -Gutahura imigani migufi / y'imigenurano n'ibisobanuro byayo; -Gutanga ingero z'imigani migufi; -Guhuza amashusho n'imigani bijyanye;

			Urwenya na byendagusetsa -Inshoza y'urwenya; -Inshoza ya byendagusetsa; -Itandukaniro hagati y'urwenya na byendagusetsa; -Akamaro k'urwenya na byendagusetsa. **Uturingushyo** -Inshoza y'uturingushyo; -Uturango tw'uturingushyo; -Akamaro k'uturingushyo.	-Gutahura inshoza n'uturango tw'ibyivugo by'amahomvu; -Guhanga ikivugo cy'amahomvu; -Gutahura inshoza y'urwenya n'iya byendagusetsa; -Guhanga urwenya na byendagusetsa -Gukina urwenya na byendagusetsa -Gutahura inshoza n'uturango by'akaringushyo; -Gufata mu mutwe no kuvuga akaringushyo.
Ihuriro n'andi masomo: Amasomo mbonezamubano n'iyobokamana: Kugirana umubano mwiza n'abandi no gutabarana.				

Ubushobozi nsanganyamasomo

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho, gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko no gutahura ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.

-**Ubushakashatsi:** Binyuze mu gushaka ibisobanuro by'amagambo atari asobanukiwe, no mu gihe bakora imikoro ibasaba kubaza abo babana.

-**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu:** Mu gihe bakina ikiganiro, bungurana ibitekerezo mu matsinda cyangwa bamurika ibyakorewe mu matsinda no mu mikoro hakoreshwa neza Ikinyarwanda.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

-**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** Binyuze mu gukora imikoro yahawe.

Indangagaciro shingiro

- **Ndi Umunyarwanda:** Binyuze mu gukunda umuco n'umurage by'Igihugu cyacu.
- **Umuco w'amahoro n'Ubworoherane:** Binyuze mu kubaha ibitekerezo by'abandi.
- **Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu:** Binyuze mu kugaragaza ikinyabupfura ku bantu bose, kudaheza no kudahutazanya.
- **Ubufatanye na Demokarasi:** Binyuze mu gukorana neza mu matsinda no guha agaciro ibitekerezo by'abandi.
- **Gukunda Igihugu:** Binyuze mu bikorwa byo guteza imbere umuco nyarwanda.
- **Kwihesha agaciro n'Ubunyangamugayo:** Binyuze mu myitwarire myiza iranga Umunyarwanda.
- **Ubutabera:** Binyuze mu gucyaha no kudahishira uwakosheje.
- **Kwigira:** Binyuze mu guhanga ibyivugo buri wese ku giti ke.

Ingingo nsaranganyamasomo

Umwarimu ahereye ku mashusho y'umwandiko "Umunsi udasanzwe" n'umwandiko

"Bana duseruke", arasobanurira abanyeshuri ibijyanye n'uburezi budaheza.

– Umwarimu ahereye ku mwandiko wa "Nyanshya na Baba" arasobanurira abanyeshuri ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango kubungabunga ibidukikije, ndetse no kwimakaza umuco w'amahoro.

Ibigenderwaho mu isuzuma:

Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko;

Ubushobozi bwo gutahura inshoza y'umugani muremure n'uturango twawo ndetse no kuwucira abandi;

Ubushobozi bwo gutahura amasano yo mu muryango muto;

Ubushobozi bwo gutahura inshoza y'ibisakuzo no gukina umukino wo gusakuzanya;

Ubushobozi bwo kugaragaza uko amazina yisanisha n'andi magambo mu nteruro;

Ubushobozi bwo gukoresha imigani migufi / y'imigenurano;

Ubushobozi bwo guhanga no kwivuga ikivugo cy'amahomvu;

Ubushobozi bwo guhanga, gukina urwenya na byendagusetsa ndetse no kugaragaza itandukaniro hagati yabyo;

Ubushobozi bwo gufata mu mutwe no kuvuga akaringushyo.

Imfashanyigisho: *Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zifatika, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.*

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO	INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, INYUNGURAMAGAMBO, IYIGANTEGO N'IYIGANTERURO	
IKINYARWANDA: Umwaka wa kane w'amashuri abanza	**UMUTWE WA 4:** Gukunda Igihugu	**Umubare w'amasomo: 40**

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

-Gusoma no gusesengura imyandiko ijyanye no gukunda Igihugu;

-Guhanga inkuru no kuyisomera abandi asesekaza no guhanga umuvugo akawutondagura mu ruhame;

-Gukoresha neza utwatuzo mu gusoma no mu kwandika no gutandukanya interuro hakurikijwe utwatuzo tuzisoza;

-Gukoresha neza ubwoko bw'amagambo atandukanye mu nteruro;

-Gukoresha neza mu nteruro inyunguramagambo zitandukanye.

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	**Ubumenyi ngiro**	**Ubukesha**		
-Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko; -Gusobanura ingingo zijyanye no gukunda Igihugu;	-Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku gukunda Igihugu; -Guhanga agakuru no kugasomera abandi asesekaza;	-Gushishikarira no gushishikariza abandi kugira umuco wo gukunda Igihugu;	**Imyandiko ku ngingo zerekeye:** -Ubufatanye mu kubaka Igihugu cyacu;	-Gusoma bucece no gusubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko yasomye; -Gusoma mu ijwi riranguruye basimburana;

-Gusobanura uko bahanga inkuru n'uko bahanga umuvugo; -Gusobanura neza uko utwuguruzo n'utwugarizo ndetse n'utubago tubiri dukoreshwa; -Gutahura imimaro y'ingenzi y'amagambo mu nteruro; -Gutahura ubwoko bw'interuro hakurikijwe utwatuzo tuzisoza; -Gutahura no gusobanura indangahantu icyo ari cyo;	-Guhanga umuvugo no kuwutondagura mu ruhame; -Gukoresha neza utwuguruzo n'utwugarizo ndetse n'utubago tubiri mu nyandiko; -Gukora interuro nziza akurikije imimaro y'ingenzi y'amagambo mu nteruro. -Gukora neza interuro kandi akazishyiraho utwatuzo tuzisoza dukwiye; -Gukoresha neza indangahantu mu nteruro; -Gukoresha neza impuzashusho.	-Kugira umuco wo gusoma no guhanga inkuru n'imivugo; -Kurangwa no kujora inyandiko zirimo utwatuzo dukoresheje mu buryo butanoze; -Kugira umuco wo gukora interuro ziboneye kandi zikoreshejemo inyunguramagambo zitandukanye.	-Kungurana inama zo kubungabunga ibikorwa remezo n'umurage by'Igihugu cyacu; -Ubutwari, ubwitange n'ishyaka ryo gukunda Igihugu. **Inkuru** -Imiterere y'inkuru; -Intambwe zo guhanga inkuru. **Amoko y'interuro hakurikijwe utwatuzo** -Interuro ihamya; -Interuro ibaza; -Interuro itangara; -Interuro itegeka. **Indangahantu** Inshoza y'indangahantu	-Gushaka ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe, bakorera mu matsinda; -Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; -Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko; -Kumurika ibyavuye mu matsinda; -Kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko; -Guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe; -Kungurana ibitekerezo ku ngingo yahawe; -Gusomera mu isomero imyandiko yihitiyemo no kumurika inshamake y'ibyo yasomye; -Guhina umwandiko yubahiriza uko bikorwa;

-Gusobanura impuzashusho.			**Utwatuzo** -Utubago tubiri; -Utwuguruzo n'utwugarizo. **Umuvugo** -Inshoza y'umuvugo; -Uturango tw'umuvugo. **Imimaro y'ingenzi y'amagambo mu nteruro** -Ruhamwa; -Inshinga; -Icyuzuzo. **Impuzashusho** Inshoza y'impuzashusho **Utwatuzo** -Uturegeka; -Akanyerezo.	-Gutahura imiterere y'inkuru n'intambwe zo guhanga inkuru; -Guhanga inkuru; -Gutahura ubwoko bw'interuro hakurikije utwatuzo tuzisoza; -Gutahura inshoza y'indangahantu; -Gutahura imikoreshereze y'utubago tubiri, utwuguruzo n'utwugarizo, uturegeka n'iy'akanyerezo; -Gutahura inshoza n'uturango by'umuvugo; -Guhanga umuvugo no kuwuvuga; -Gutahura ibice bigize interuro n'imimaro yabyo; -Gutahura inshoza y'impuzashusho.
Ihuriro n'andi masomo: *Amasomo mbonezamubano n'iyobokamana: Ibikorwa by'ubufatanye no gukunda Igihugu.*				

Ubushobozi nsanganyamasomo

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho, gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko no gutahura ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko uvuga ku Gihugu cyacu.

-**Ubushakashatsi:** Binyuze mu gushaka ibisobanuro by'amagambo atari asobanukiwe, no mu gihe bakora imikoro ibasaba kubaza abo babana.

-**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu:** Mu gihe bakina ikiganiro, bungurana ibitekerezo mu matsinda cyangwa bamurika ibyakorewe mu matsinda no mu mikoro.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

-**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** Binyuze mu gukora imikoro yahawe.

Indangagaciro shingiro

- **Gukunda Igihugu:** Binyuze mu kumva no gushyira mu ngiro ubumenyi bukubiye muri uyu mutwe.
- **Ubufatanye na Demokarasi:** Binyuze mu gukorana neza n'ubwisanzure mu gutanga no gufata ibitekerezo.
- **Ndi Umunyarwanda:** Binyuze mu gukunda umuco n'umurage by'Igihugu cyacu.
- **Umuco w'amahoro n'Ubworoherane:** Binyuze mu guharanira amahoro arambye mu Gihugu.
- **Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa muntu:** Binyuze mu kugaragaza ikinyabupfura ku bantu bose, kudaheza no kudahutazanya.
- **Kwihesha agaciro n'Ubunyangamugayo:** Binyuze mu myitwarire myiza ihesha ishema Igihugu cyacu.
- **Ubutabera:** Binyuze mu gucyaha no kudahishira uwakosheje.
- **Kwigira:** Binyuze mu gukukora ibikorwa biganisha ku iterambere.

Ingingo nsaranganyamasomo

Umwarimu ahereye ku mashusho y'umwandiko "Tuzubaka Igihugu cyacu" n'umwandiko "Inama nziza", arasobanurira abanyeshuri ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye.

Umwarimu ahereye ku kibazo cyo gusesengura umwandiko "Tuzubaka Igihugu cyacu" Arasobanurira abanyeshuri ibijyanye n'umuco w'ubuziranenge.

Umwarimu ahereye ku kibazo cyo kumva umwandiko "Tuzubaka Igihugu cyacu" arasobanurira abanyeshuri ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere.

Ibigenderwaho mu isuzuma:
Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko;
Ubushobozi bwo gutahura imiterere y'inkuru n'intambwe zo guhanga inkuru ndetse no kuyihanga;
Ubushobozi bwo guhina umwandiko;
Ubushobozi bwo - gutahura ubwoko bw'interuro hakurikije utwatuzo tuzisoza;
Ubushobozi bwo gutahura inshoza n'uturango by'umuvugo, kuwuhanga no kuwuvuga;
Ubushobozi bwo gutahura ibice bigize interuro n'imimaro yabyo;
Ubushobozi bwo gutahura inshoza y'impuzashusho no kuzikoresha;
Ubushobozi bwo gutahura imikoreshereze y'uturegeka n'iy'akanyerezo.

Imfashanyigisho: *Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zifatika, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.*

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO	INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, INYUNGURAMAGAMBO, IYIGANTEGO N'IYIGANTERURO	
IKINYARWANDA: Umwaka wa kane w'amashuri abanza	**UMUTWE WA 5:** Imikino n'imyidagaduro	**Umubare w'amasomo: 40**

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

-Gusoma no gusesengura imyandiko ijyanye n'imikino n'imyidagaduro;

-Guhanga, kuririmba no kubyina imbyino gakondo no kubahiriza injyana zazo;

-Gufata mu mutwe amagorane no kuyavuga mu ruhame;

-Gukora neza interuro no kubahiriza isanisha.

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	**Ubumenyi ngiro**	**Ubukesha**		
-Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko; -Gusobanura bimwe mu bijyanye n'imikino n'imyidagaduro;	-Gusoma no gusesengura imyandiko ku guteza imbere imikino n'imyidagaduro;	-Gushishikarira no gushishikariza abandi imikino n'imyidagaduro;	**Imyandiko ku ngingo zerekeye:** -Akamaro k'imikino n'imyidagaduro;	-Gusoma bucece no gusubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko yasomye; -Gusoma mu ijwi riranguruye basimburana;

-Gusobanura uko bahanga indirimbo; -Gutahura no gusobanura uko bakoresha udukubo mu nteruro; -Gusobanura amagorane icyo ari cyo; -Gusobanura interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo. ukoresha neza isanisha.	-Guhanga, kuririmba no kubyina imbyino gakondo yubahiriza injyana zazo; -Gukoresha neza mu nyandiko udukubo; -Gufata mu mutwe no kuvuga neza amagorane; -Kuvuga no kwandika ukoresha interuro mbonezamvugo.	-Kurangwa n'umuco wo guhanga, kuririmba no kubyina imbyino gakondo yubahiriza injyana zazo; -Kugira umuco wo gukoresha neza mu nyandiko udukubo n'udusodeko no kujora inyandiko zirimo utwatuzo dukoresheje mu buryo butanoze;	-Guhiganwa mu mikono; -Amwe mu moko y'imikino n'imyidagaduro harimo n'ubuhanzi. **Utwatuzo** Udukubo **Amagorane** Inshoza y'amagorane **Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo** -Inshoza y'interuro nyobyamvugo; -Inshoza y'interuro mbonezamvugo.	-Gushaka ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe, bakorera mu matsinda; -Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; -Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko; -Kumurika ibyavuye mu matsinda; -Gutondagura umuvugo mu ruhame; -Kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko; -Guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe; -Kungurana ibitekerezo ku ngingo yahawe; -Gusomera mu isomero imyandiko yihitiyemo no kumurika inshamake y'ibyo yasomye;

		-Kurangwa no gufata mu mutwe no kuvuga neza amagorane; -Gushishikarira no gushishikariza abandi gukoresha interuro mbonezamvugo mu mvugo no mu nyandiko.	**Indirimbo** -Inshoza y'indirimbo; -Uturango tw'indirimbo.	-Guhina umwandiko yubahiriza uko bikorwa; -Gutahura Imikoreshereze y'udukubo mu nyandiko; -Gutahura inshoza y'amagorane; -Gufata mu mutwe amagorane no kuyavuga mu ruhame; -Gutahura inshoza y'interuro nyobyamvugo n'interuro mbonezamvugo no kuzitandukanya; -Gutahura inshoza y'indirimbo; -Kuririmba indirimbo; -Guhanga indirimbo gakondo no kuyibyina;
Ihuriro n'andi masomo: *Amasomo mbonezamubano n'iyobokamana: Koroherana mu mikino.* *Imyitozo ngororamubiri: Imikino n'imyidagaduro.* *Muzika: Indirimbo zinyuranye.*				

Ubushobozi nsanganyamasomo

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho, gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko no gutahura ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.

-**Ubushakashatsi:** Binyuze mu guhanga no kuvumbura udukino dushya n'ibindi bihangano by'imyidagaduro.

-**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu:** Mu gihe bakina imikino itandukanye.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

Indangagaciro shingiro

-**Umuco w'amahoro n'Ubworoherane:** Binyuze mu gukina neza mu bwumvikane.

-**Ubufatanye na Demokarasi:** Binyuze mu gukorana neza n'ubwisanzure mu gutanga ibitekerezo no gutora abayobozi b'amakipe.

-**Gukunda Igihugu:** Binyuze mu kwimakaza umuco wo guteza imbere imikino n'imyidagaduro mu gihugu cyacu.

- **Ndi Umunyarwanda:** Binyuze mu gukunda umuco n'umurage by'Igihugu cyacu.

-**Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu:** Binyuze mu kugaragaza ikinyabupfura ku bantu bose, kudaheza no kudahutazanya.

-**Kwihesha agaciro n'Ubunyangamugayo:** Binyuze mu myitwarire myiza itarangwamo intonganya mu gihe bakina.

Ubutabera: Binyuze mu gucyaha uwakosheje no kwirinda kubogamira uruhande runaka.

Ingingo nsaranganyamasomo
Umwarimu ahereye ku ishusho ibanziriza umutwe no ku mashusho y'umwandiko "Ibe intego ya twese", ari muri uyu mutwe arasobanurira abanyeshuri ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye ndetse n'uburezi budaheza.
Ibigenderwaho mu isuzuma: *Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko;* *Ubushobozi bwo gufata mu mutwe amagorane no kuyavuga mu ruhame;* *Ubushobozi bwo guhina umwandiko;* *Ubushobozi bwo gutahura inshoza y'indirimbo kuyihanga, kuyiririmba cyangwa no kuyibyina;* *Ubushobozi bwo gutahura inshoza y'amagorane no kuyavuga;* *Ubushobozi bwo gutahura inshoza y'interuro nyobyamvugo n'interuro mbonezamvugo no kuzitandukanya.*
Imfashanyigisho: *Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho* z'iyumvabona, imfashanyigisho zifatika, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO	INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, INYUNGURAMAGAMBO, IYIGANTEGO N'IYIGANTERURO	
IKINYARWANDA: Umwaka wa kane w'amashuri abanza	**UMUTWE WA 6:** Gukunda no kwitabira umurimo	**Umubare w'amasomo: 48**

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

-Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku gukunda umurimo;
-Gukoresha neza utwatuzo mu nteruro;
-Gutahura inteko n'indanganteko z'amazina;
-Kwandika neza ibaruwa mbonezamubano;
-Guhanga, gukina no kuvugira mu ruhame nta bwoba.

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	**Ubumenyi ngiro**	**Ubukesha**		
-Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko;	-Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku gukunda umurimo;	-Gushishikarira no gushishikariza abandi gukunda no kwitabira umurimo;	**Imyandiko ku ngingo zerekeye:** -Akamaro ko gukunda umurimo n'ingaruka z'ubunebwe;	-Gusoma bucece no gusubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko yasomye;

-Gusobanura ibijyanye no gukunda no kwitabira umurimo ahereye ku mwandiko; -Gusobanura uko bakoresha udusodeko mu nteruro; -Gusobanura inshoza y'ikinamico n'uko bahanga ikinamico; -Gutahura no gusobanura inteko n'in-danganteko by'amazina; -Gusobanura uko bandika ibaruwa mbo-nezamubano;	-Gukoresha neza amagambo mu nteruro; -Gukoresha neza udusodeko mu nteruro; -Guhanga no gukina ikinamico yigana abanyarubuga bayo; -Gukoresha neza isanisha yubahiriza inteko n'indanganteko by'amazina; -Kwandika neza ibaruwa mbonezamubano, guhanga no gukina agakinamico yigana abanyarubuga;	-Kugira umuco wo gukoresha neza mu nyandiko udusodeko no kujora inyandiko zirimo utwatuzo dukoresheje mu buryo butanoze;	-Kwitabira gukorana umwete no kunoza umurimo; -Gukorera ku gihe; -Gukorana umurava no guhanga udushya. **Utwatuzo** Udusodeko **Ikinamico** -Inshoza y'ikinamico; -Uturango tw'ikinamico. **Inteko z'amazina** -Inshoza y'inteko z'amazina;	-Gusoma mu ijwi riranguruye basimburana; -Gushaka ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe, bakorera mu matsinda; -Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; -Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko; -Kumurika ibyavuye mu matsinda; -Kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko; -Guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe; -Kwandika irindi herezo ry'inkuru -Kungurana ibitekerezo ku ngingo yahawe;

-Gusobanura imyitwarirere iranga uvuga ijambo mu ruhame.	-Gutegura ijambo no kurivugira mu ruhame.	-Gushishikarira no gushishikariza abandi gukora interuro ziboneye, zikoresheje neza isanisha; -Gushishikarira kwandika ibaruwa mbonezamubano iboneye; -Gushishikarira guhanga no gukina ikinamico yigana abanyarubuga bayo; -Gushishikarira kuvuga mu ruhame.	-Uturango tw'inteko z'amazina; -Urutonde rw'inteko z'amazina n'indanganteko. **Ibaruwa mbonezamubano (ya gicuti)** -Inshoza y'ibaruwa mbonezamubano; -Uturango tw'ibaruwa mbonezamubano; -Imbata y'ibaruwa mbonezamubano.	-Gusomera mu isomero imyandiko yihitiyemo no kumurika inshamake y'ibyo yasomye; -Guhanga umwandiko yubahiriza uko bikorwa; -Gutahura imikoreshereze y'udusodeko; -Gutahura inshoza n'uturango by'ikinamico; -Guhanga ikinamico no kuyikina; -Gutahura inshoza n'uturango by'inteko z'amazina; -Gutahura inshoza n'uturango by'ibaruwa mbonezamubano; -Kwandika ibaruwa mbonezamubano;

			Ijambo rivugirwa mu ruhame -Uturango tw'ijambo rivugirwa mu ruhame; -Imyitwarire y'uvuga ijambo mu ruhame.	-Gutahura imyitwarirere iranga uvuga ijambo mu ruhame; -Gutegura ijambo no kurivugira mu ruhame.

Ihuriro n'andi masomo:

Amasomo mbonezamubano n'iyobokamana: Kwitabira gukorera hamwe n'abandi no kunoza umurimo

Imyitozo ngororamubiri: Imikino n'imyidagaduro mu buhanzi

Ubushobozi nsanganyamasomo

-Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho, gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko no gutahura ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.

-Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: Binyuze mu gutekereza uko umurimo warushaho kunozwa buri munsi.

-Ubushakashatsi: Binyuze mu guhanga no kuvumbura udushya n'ibindi bihangano by'imyidagaduro.

-Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi: Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

-Guhanga udushya: Binyuze mu gukora umurimo unoze urangwa n'udushya ndetse n'ubudasa.

-Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu: Binyuze mu biganiro byo mu matsinda.

Indangagaciro shingiro

Kwigira: Binyuze mu mu gukorana umurava no guharanira kwiteza imbere.

-**Kwitangira umurimo:** Binyuze mu kwiga gukorana umurava no guharanira kugera ku iterambere.

-**Umuco w'amahoro n'Ubworoherane:** Binyuze mu kubaha no gusigasira ibyo abandi bagezeho.

-**Ubufatanye na Demokarasi:** Binyuze mu gukorana neza mu matsinda no guha agaciro ibitekerezo by'abandi.

-**Gukunda Igihugu:** Binyuze mu guharanira kwiteza imbere no guteza Igihugu imbere.

-**Kwiyemeza no Kwihangana:** Binyuze mu kudacibwa intege n'imbogamizi n'imiruho bahura na byo mu rugendo rwo kwiteza

-**Kwigira:** Binyuze mu guharanira gutera intambwe yo kwikemurira ibibazo.

Ingingo nsaranganyamasomo

Uhereye ku mwandiko "Umuhinzi n'abana be" urasobanurira abanyeshuri akamaro k'umuco wo kuzigama ubisanisha n'uburyo abana bavugwa mu mwandiko bahinze bakeza bagahunika.

Uhereye ku mwandiko wa "Yaretse ubunebwe" urasobanurira abanyeshuri ibijyanye n'umuco w'amahoro abihuza n'uburyo Warupyisi yasabye imbabazi akazihabwa agatangira kubana neza n'abandi akareka ubujura agakora akiteza imbere.

Ibigenderwaho mu isuzuma:

Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko;
Ubushobozi bwo gutahura imikoreshereze y'udusodeko;
Ubushobozi bwo guhina umwandiko;
Ubushobozi bwo gutahura inshoza y'ikinamico no kuyihanga;
Ubushobozi bwo gutegura ijambo rivugirwa mu ruhame;
Ubushobozi bwo gutahura inshoza n'uturango by'inteko z'amazina;
Ubushobozi bwo gutahura inshoza n'uturango by'ibaruwa mbonezamubano no kuyandika.

Imfashanyigisho: *Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zifatika, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.*

6.3. Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda yo mu wa gatanu

6.3. 1. Ubushobozi bugamijwe nyuma y'umwaka wa gatanu

Umunyeshuri urangije umwaka wa gatanu agomba kuba ashobora:
-Kumva ibyo yasomye, yasomewe cyangwa yabwiwe no kubisobanukirwa;
-Kuvuga ashize amanga kandi ashyiramo isesekaza
-Gusoma bucece no gusoma aranguruye ijwi yubahiriza isesekaza rikwiye;
-Gusesengura umwandiko yasomye;
-Kwandika no guhanga yubahiriza inyurabwenge n'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda;
-Gusobanura imiterere y'ururimi.

6.3.2. Imbonerahamwe y'imitwe y'amasomo mu mwaka wa gatanu

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO	**INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, INYUNGURAMAGAMBO, IYIGANTEGO N'IYIGANTERURO**	
IKINYARWANDA: Umwaka wa gatanu w'amashuri abanza	**UMUTWE WA 1:** Umuco nyarwanda	**Umubare w'amasomo: 40**
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: - Gusoma, gusesengura, guhina imyandiko ivuga ku muco nyarwanda; - Gutandukanya no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo y'ingwizanyito n'imvugwakimwe; - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko imvugo zikoreshwa ku masaha n'amezi bya kinyarwanda; - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ikeshamvugo ku nka, ku mata no ku gisabo; - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko indamukanyo za kinyarwanda.		

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	**Ubumenyi ngiro**	**Ubukesha**		
-Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko; -Gusobanura bimwe mu bijyanye n'umuco nyarwanda bigaragara mu mwandiko; -Gutahura inshoza y'ihinamwandiko; -Gutahura no gusobanura ingwizanyito n'imvugwakimwe; -Gutahura amagambo yabugenewe ku nka, ku mata, ku gisabo n'imvugo zikoreshwa ku masaha n'amezi bya kinyarwanda;	-Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku muco nyarwanda; -Gukoresha mu nteruro amagambo yungukiye mu mwandiko; -Gukora ihinamwandiko hashingiwe ku ngingo z'ingenzi ziwugize. -Kunoza imvugo hakoreshwa amagambo yabugenewe ku nka, ku mata no ku gisabo. -Gutandukanya no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo y'ingwizanyito n'imvugwakimwe;	-Gushishikarira gusoma no kwandika yubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye; -Kugaragaza imyitwarire yo kwimakaza umuco nyarwanda no kugira imibanire myiza n'abandi; -Kurangwa no gukoresha neza imvugo zabugenewe ku nka, ku mata no ku gisabo;	**Imyandiko ku ngingo zerekeye:** -Indangagaciro nyarwanda; n'amahame remezo; -Ubutwari; -Amasaha ya kinyarwanda; -Amezi ya kinyarwanda; -Ibihe bya kinyarwanda; -Indamukanyo za kinyarwanda.	-Gusoma bucece no gusubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko yasomye; -Gusoma mu ijwi riranguruye basimburana bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye; -Gushaka ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe, bari mu matsinda; -Kumurika ibyavuye mu matsinda; -Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; -Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko;

-Gutahura amagambo yabugenewe ku ndamukanyo za kinyarwanda.	-Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko imvugo zikoreshwa ku masaha, amezi bya kinyarwanda; -Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko indamukanyo za kinyarwanda.	-Gushima abakoresha neza izo mvugo cyangwa kunenga abazikoresha nabi; -Kugira umuco wo gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amasaha n'amezi bya kinyarwanda.	**Ingwizanyito n'imvugwakimwe** -Inshoza y'ingwizanyito; -Inshoza y'imvugwakimwe; **Ikiganiro mpaka** -Inshoza y'ikiganiro mpaka; -Ibyitabwaho mu kiganiro mpaka. **Ikeshamvugo:** -Inshoza y'ikeshamvugo; -Amagambo yabugenewe ku nka, ku mata no ku gisabo;	-Guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe; -Gutondeka ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no kuwukorera inshamake; -Kungurana ibitekerezo ku ngingo yahawe; -Hunina umwandiko; -Gutahura Inshoza y'ingwizanyito n'imvugwakimwe; -Gukoresha neza ingwizanyito n'imvugwakimwe mu nteruro; -Gutahura inshoza y'ikiganiro mpaka; -Kujya impaka ku nsanganyamatsiko zatanzwe; -Kugereranya amasaha ya kera n'amasaha y'ubu;

			-Indamukanyo za kinyarwanda. **Umwaka wa kinyarwanda** -Amasaha ya kinyarwanda; -Amezi ya kinyarwanda.	-Gutahura inshoza y'ikeshamvugo; -Gukoresha mu mvugo no mu nyandiko amagambo yabugenewe ku nka, ku mata n'igisabo; -Gushushanya isaha igaragaza amasaha yahawe; -Guhanga inkuru ku masaha n'amezi bya kinyarwanda; -Guhimba no gukina agakino kagaragaramo indamukanyo za kinyarwanda.
Ihuriro n'andi masomo: *Amasomo Mbonezamubano n'Iyobokamana: umuco nyarwanda (Ibihe n'amezi bya kinyarwanda)*				

Ubushobozi nsanganyamasomo

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho, gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko no gutahura ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.

-**Ubushakashatsi:** Binyuze mu gushaka ibisobanuro by'amagambo atari asobanukiwe, no mu gihe bakora imikoro ibasaba kubaza abo babana.

-**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu:** Mu gihe bakora ikiganiro mpaka, bungurana ibitekerezo mu matsinda cyangwa bamurika ibyakorewe mu matsinda no mu mikoro hakoreshwa neza Ikinyarwanda.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

-**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** Binyuze mu gukora imikoro yahawe cyane cyane imusaba kubaza abo babana.

Indangagaciro

- **Ndi Umunyarwanda:** Binyuze mu gukunda umuco n'umurage by'Igihugu cyacu.

- **Umuco w'amahoro n'Ubworoherane:** Binyuze mu kubaha ibitekerezo by'abandi mu gihe bajya impaka.

- **Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu:** Binyuze mu kugaragaza ikinyabupfura ku bantu bose, kudaheza no kudahutazanya.

- **Ubufatanye na Demokarasi:** Binyuze mu gukorana neza mu matsinda no guha agaciro ibitekerezo by'abandi.

- **Gukunda Igihugu:** Binyuze mu guharanira guteza imbere umuco nyarwanda mu gihe biga ibihe bya kinyarwanda.

- **Kwihesha agaciro n'Ubunyangamugayo:** Binyuze mu myitwarire myiza iranga Umunyarwanda.

- **Ubutabera:** Binyuze mu gucyaha no kudahishira uwakosheje.

- **Kwigira:** Binyuze mu guhanga ibyivugo buri wese ku giti ke.

Ingingo nsaranganyamasomo

– Uburinganire n'ubwuzuzanye

Mu mwandiko wa " Ndabaga", umwarimu yifashisha ikibazo Ni ibiki wanenga iyi mvugo muri iki gihe?" agashimangira ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ko nta mirimo igenewe abahungu n'indi igenewe abakobwa.

– Gukunda Igihugu

Imyandiko myinshi yo muri uyu mutwe yibanda ku ndangagaciro yo gukunda Igihugu.

Umwarimu yifashisha iyo myandiko akagenda agaruka ku gukunda Igihugu.

Ibigenderwaho mu isuzuma:

Ubushobozi bwo gusesengura no guhina imyandiko ivuga ku muco nyarwanda;

Ubushobozi bwo gutandukanya no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ingwizanyito n'imvugwakimwe;

Ubushobozi bwo gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yabugenewe ku nka, ku mata no ku gisabo;

Ubushobozi bwo gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko imvugo zikoreshwa mu masaha n'amezi bya kinyarwanda;

Ubushobozi bwo gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko indamukanyo za kinyarwanda;

Imfashanyigisho: *Imyandiko ivuga ku muco nyarwanda, amashusho ajyanye n'imyandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda n'igisabo.*

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO	INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, INYUNGURAMAGAMBO, IYIGANTEGO N'IYIGANTERURO	
IKINYARWANDA: Umwaka wa gatanu w'amashuri abanza	**UMUTWE WA 2:** Ibidukikije	**Umubare w'amasomo: 48**

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

-Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku bidukikije;

-Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amarangamutima n'inyigana;
-Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko inshinga zitondaguye;
-Gutahura no kwandika neza amagambo akatwa;
-Guhanga inkuru ngufi yubahiriza uturango twayo.

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	**Ubumenyi ngiro**	**Ubukesha**		
-Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko; -Gusobanura ibijyanye no gufata neza ibidukikije;	-Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku bidukikije; -Gukoresha neza mu nteruro amagambo yungutse no gusubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko;	-Gushishikarira gusoma no kwandika yubahiriza utwatuzo n'iyitsa; -Gushishikariza abandi umuco wo kubungabunga ibidukikije;	**Imyandiko ku ngingo zerekeye:** -Ubukerarugendo; -Imigezi n'inyamaswa; -Akamaro k'imvura n'izuba;	-Gusoma bucece no gusubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko yasomye; -Gukina umwandiko yasomye yigana abanyarubuga bayivugwamo;

-Gutahura no gusobanura amarangamutima n'inyigana, inshinga iri mu mbundo, inshinga itondandaguye, ngenga z'inshinga itondaguye n'amagambo akatwa; -Gutahura inshoza y'inkuru ngufi n'uturango twayo.	-Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amarangamutima n'inyigana, inshinga iri mu mbundo, inshinga itondandaguye, ngenga z'inshinga itondaguye n'amagambo akatwa; -Kwandika neza amagambo akatwa; -Guhanga inkuru ngufi yubahiriza uturango twayo.	-Kurangwa no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amarangamutima n'inyigana, inshinga iri mu mbundo, inshinga itondaguye, ngenga z'inshinga itondaguye no kwandika neza yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda; -Gushishikarira guhanga inkuru ngufi no kubishishikariza abandi.	-Kubungabunga amashyamba. **Amagambo akatwa** -Inshoza y'amagambo akatwa; -Ubwoko bw'amagambo akatwa. **Imivugire inoze y'Ikinyarwanda** Imikoreshereze y'ingirwanshinga n'impakanyi.	-Gusoma mu ijwi riranguruye basimburana bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye; -Gushaka ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe, bari mu matsinda; -Kumurika ibyavuye mu matsinda; -Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; -Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko; -Guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe; -Gutondeka ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no kuwukorera inshamake; -Guhimba umuvugo ku ngingo yahawe; -Gutahura inshoza y'amagambo akatwa;

			Amarangamutima n'inyigana -Inshoza y'amarangamutima; -Inshoza y'inyigana. **Inkuru ngufi** -Inshoza y'inkuru ngufi; -Uturango tw'inkuru ngufi. **Inshinga isanzwe** -Inshoza y'inshinga isanzwe; -Amoko y'inshinga isanzwe; -Ngenga z'inshinga itondaguye.	-Gukoresha neza ingirwanshinga n'impakanyi; -Gutahura inshoza y'amarangamutima n'inyigana; -Gukora interuro zigaragaramo amarangamutima n'inyigana; -Kwandika neza yubahiriza imyandikire y'Ikinyarwanda; -Gutahura inshoza n'uturango by'inkuru ngufi; -Gusesengura inkuru ngufi; -Gushushanya igice k'inkuru yasomye; -Gukora interuro zirimo inshinga zitondaguye, ngenga z'inshinga n'amagambo akatwa.

Ihuriro n'andi masomo: *Amasomo Mbonezamubano n'Iyobokamana: ibidukikije (ibiyaga, imigezi, amashyamba, inyamaswa, pariki)*
Ubushobozi nsanganyamasomo -**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. -**Ubushakashatsi:** Binyuze mu gushaka ibisobanuro by'amagambo atari asobanukiwe, no mu gihe bakora imikoro ibasaba kubaza abo babana. -**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu:** Mu gihe bungurana ibitekerezo mu matsinda cyangwa bamurika ibyakorewe mu matsinda no mu mikoro. -**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe. -**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** Binyuze mu gukora imikoro yahawe. -**Guhanga udushya:** Binyuze mu guhanga inkuru ishushanyije.
Indangagaciro -**Gukunda Igihugu:** Binyuze mu kurinda no gusigasira ibyiza bitatse u Rwanda. -**Kwitangira umurimo:** Binyuze mu kwiga gukora no guharanira kugera ku iterambere. -**Kwigira:** Binyuze mu mikoro n'imyitozo umunyeshuri akora ku giti ke. -**Kwitangira umurimo:** Binyuze mu kwiyemeza kubungabunga ibidukikije. -**Umuco w'amahoro n'Ubworoherane:** Binyuze mu kubahana no kwihanganirana mu ishuri no mu buzima busanzwe.

-**Ubufatanye na Demokarasi:** Binyuze mu gukorana neza mu matsinda no guha agaciro ibitekerezo by'abandi.

-**Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu:** Binyuze mu kugaragaza ikinyabupfura ku bantu bose, kudaheza no kudahutaza abandi.

-**Kwiyemeza no Kwihangana:** Binyuze mu kudacibwa intege n'imbogamizi n'imiruho bahura na byo mu rugendo rwo kwiteza imbere.

Ingingo nsaranganyamasomo

Muri uyu mutwe harimo ingingo nsanganyamasomo y'ibidukikije. Imyandiko yose iri muri

uyu mutwe igenda igaruka ku byiza by'ibidukikije, kubungabunga ibidukikije, gusura ibidukikije n'ibindi.

Ibigenderwaho mu isuzuma:

Ubushobozi bwo gusesengura no guhina imyandiko ivuga ku bidukikije;

Ubushobozi bwo gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amarangamutima n'inyigana;

Ubushobozi bwo gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko inshinga itondaguye, ngenga z'inshinga n'amagambo akatwa;

Ubushobozi bwo kwandika neza yubahiriza imyandikire y'Ikinyarwanda;

Ubushobozi bwo guhanga inkuru ngufi.

Imfashanyigisho: *Imyandiko ivuga ku bidukikije, amashusho ajyanye n'imyandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.*

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO	INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, INYUNGURAMAGAMBO, IYIGANTEGO N'IYIGANTERURO	
IKINYARWANDA: Umwaka wa gatanu w'amashuri abanza	**UMUTWE WA 3:** Uburenganzira bwa muntu	**Umubare w'amasomo: 48**

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

-Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku burenganzira bwa muntu;

-Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko inshinga itondaguye, ingiro nkora n'ingiro ntega, indango yemeza n'indango ihakana;

-Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo aranga ahantu;

-Gukoresha mu mvugo no mu nyandiko amagambo yabugenewe ku bafite ubumuga;

-Guhanga inkuru ishushanyije.

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	**Ubumenyi ngiro**	**Ubukesha**		
-Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko; -Gusobanura ibijyanye n'uburenganzira bwa muntu ahereye ku mwandiko;	-Gusoma no gusesengura imyandiko ijyanye no kwimakaza uburenganzira bwa muntu; -Gukoresha mu nteruro amagambo yungukiye mu mwandiko;	-Gushishikarira gusoma no kwandika wubahiriza utwatuzo n'iyitsa; -Kurangwa no kubaha abantu wubahiriza uburenganzira bwa muntu;	**Imyandiko ku ngingo zerekeye:** -Uburenganzira bw'umwana; -Uburenganzira bwa muntu; -Impuhwe;	-Gusoma bucece no gusubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko yasomye; -Gusoma mu ijwi riranguruye basimburana bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye;

-Gutahura no gusobanura ibihe bikuru by'inshinga, indango z'inshinga, ingiro z'inshinga n' amagambo aranga ahantu; -Gutahura amagambo yabugenewe ku bantu bafite ubumuga; -Gutahura inshoza n'uturango by'inkuru ishushanyije.	-Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibihe bikuru by'inshinga, indango yemeza n'indango ihakana, ingiro nkora n'ingiro ntega no wandika neza amagambo aranga ahantu; -Guhanga umwandiko yubahiriza amabwiriza y'ihangamwandiko; -Gusesengura, gukina no guhanga inkuru ishushanyije yubahiriza amabwiriza yayo; -Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yabugenewe ku bafite ubumuga.	-Gushishikarira no gushishikariza abandi gukoresha amagambo yabugenewe ku bafite ubumuga; -Kurangwa no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibihe bikuru by'inshinga, indango -yemeza n'indango ihakana, ingiro nkora n'ingiro ntega no kwandika neza amagambo aranga ahantu -Kugaragaza amatsiko yo gusoma no guhanga umwandiko, gusoma no guhanga inkuru ishushanyije no kuyikina.;	-Uburezi budaheza. **Ihangamwandiko** -Inshoza y'ihangamwandiko; -Amabwiriza y'ihangamwandiko. **Amagambo aranga ahantu** Inshoza y'amagambo aranga ahantu. **Inshinga** -Inshoza y'ibihe bikuru by'inshinga; -Inshoza y'indango ihakana n'indango yemeza;	-Gushaka ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe bari mu matsinda; -Kumurika ibyavuye mu matsinda; -Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; -Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko; -Guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe; -Gutondeka ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no kuwukorera inshamake; -Gushaka no kuvuga irindi herezo ry'inkuru yasomwe; -Gutahura inshoza y'umwandiko n'iy'ihangamwandiko; -Guhimba umwandiko ku nsanganyamatsiko yatanzwe;

		-	**Ingiro nkora n'ingiro ntega** Inshoza y'ingiro nkora n'ingiro ntega **Inkuru ishushanyije** -Inshoza y'inkuru ishushanyije; -Ibice by'inkuru ishushanyije; -Uko basoma inkuru ishushanyije. **Ikeshamvugo** -Inshoza y'ikeshamvugo ku bafite ubumuga; -Amagambo akomeretsa abafite ubumuga.	-Guhanga umuvugo ku nsanganyamatsiko yatanzwe; -Guhanga igice gikomeza inkuru yasomye; -Gutahura inshoza y'amagambo aranga ahantu -Guhimba interuro akoreshamo amagambo aranga ahantu; -Gutahura ibihe bikuru by'inshinga; -Gukoresha mu nteruro ibihe bikuru by'inshinga; -Gushyira interuro mu ndango yemeza n'indango ihakana; -Gutahura inshoza y'ingiro nkora n'ingiro ntega; -Gushyira interuro mu ngiro nkora n'ingiro ntega.

				-Gutahura uturango tw'inkuru ishushanyije -Gushushanya igice gikomeza ikuru yasomye; -Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yabugenewe ku bafite ubumuga.

Ihuriro n'andi masomo:

-Amasomo Mbonezamubano n'Iyobokamana: Uburenganzira bwa muntu, Uburenganzira bw'umwana (bwo gukina, kwiga), amagambo yabugenewe ku bafite ubumuga.

-Ubugeni n'ubukorikori: Gushushanya ibice by'inkuru.

Ubushobozi nsanganyamasomo

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

-**Ubushakashatsi:** Binyuze mu gushaka ibisobanuro by'amagambo atari asobanukiwe, no mu gihe bakora imikoro ibasaba kubaza abo babana.

-**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu:** Mu gihe bungurana ibitekerezo mu matsinda, bamurika ibyakorewe mu matsinda no mu mikoro no mugihe bimenyereza gukoresha amagambo yabugenewe ku bafite ubumuga.

-**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** Binyuze mu gukora imikoro yahawe.

Indangagaciro

-Kwiyemeza no Kwihangana: Binyuze mu kudacibwa intege n'imbogamizi, imiruho cyangwa ubumuga umuntu afite ntibimuce intege mu rugendo rwo kwiteza imbere.

-Umuco w'amahoro n'Ubworoherane: Binyuze mu kubaha ibitekerezo by'abandi no kudahutaza abafite ubumuga.

-Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu: Binyuze mu kudasuzura no kutita abafite ubumuga uko bidakwiriye ahubwo abantu bose bagahabwa uburenganzira bungana.

-**Kwigira:** Binyuze mu mikoro n'imyitozo umunyeshuri akora ku giti ke **n**'ubwo yaba afite ubumuga.

-Ubufatanye na Demokarasi: Binyuze mu gukorana neza mu matsinda, nta guheza kandi ibitekerezo by'abandi bigahabwa agaciro.

-Kwitangira umurimo: Binyuze mu kwiga gukora no guharanira kugera ku iterambere cyane cyane abafite ubumuga bagashyigikirwa.

-Kwihesha agaciro n'Ubunyangamugayo: Binyuze mu kwigira isomo ku bavugwa mu mwandiko.

Ingingo nsaranganyamasomo

Muri uyu mutwe harimo ingingo nsanganyamasomo yo kubungabunga uburezi budaheza.

Nko mu mwandiko wa "Mureke atete atoneshwe" abanyeshuri basobanurirwa uko bakwiyE kubana neza n'abafite ubumuga. Muri uyu mutwe kandi hagaragaramo imvugo zabugenewe zikoreshwa ku bantu bafite ubumuga. Abanyeshuri batozwa rero kubahiriza uburenganzira bw'abafite ubumuga.

Ibigenderwaho mu isuzuma:
Ubushobozi bwo gusesengura no guhina imyandiko ivuga ku burenganzira bwa muntu; Ubushobozi bwo gukoresha neza inshinga mu mvugo no mu nyandiko; Ubushobozi bwo gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yabugenewe ku bafite ubumuga; Ubushobozi bwo gukoresha neza mu mvugo no mu yandiko amagambo aranga ahantu; Ubushobozi bwo guhanga inkuru.
Imfashanyigisho: *Imyandiko ivuga ku burenganzira bwa muntu, amashusho ajyanye n'imyandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.*

<table>
<tr><td colspan="2">IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO</td><td colspan="2">INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, INYUNGURAMAGAMBO,
IYIGANTEGO N’IYIGANTERURO</td></tr>
<tr><td colspan="2">IKINYARWANDA: Umwaka wa gatanu w’amashuri abanza</td><td>UMUTWE WA 4: Ubuzima</td><td>Umubare w’amasomo: 40</td></tr>
<tr><td colspan="4">Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe:
-Gusoma no gusesengura imyandiko ijyanye n’ubuzima;
-Gusesengura izina rusange, ntera n’izina ntera;
-Gukoresha neza igisantera mu mvugo no mu nyandiko.</td></tr>
<tr><td colspan="3">Intego</td><td rowspan="2">Ibyigwa</td><td rowspan="2">Ibikorwa by’umunyeshuri</td></tr>
<tr><td>Ubumenyi</td><td>Ubumenyi ngiro</td><td>Ubukesha</td></tr>
<tr><td>-Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko;
-Gusobanura ibijyanye n’ubuzima uhereye ku mwandiko;</td><td>-Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku buzima
-Gukoresha mu nteruro amagambo yungukiye mu mwandiko;</td><td>-Gushishikarira gusoma no kwandika yubahiriza utwatuzo n’iyitsa;
-Kurangwa no kwitabira ibikorwa bijyanye n’ubuzima;</td><td>Imyandiko ku ngingo zerekeye:
-Akamaro k’indyo yuzuye;
-Isuku y’imyanya ndangagitsina;</td><td>-Gusoma bucece no gusubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko yasomye;
-Gusoma mu ijwri riranguruye basimburana bubahiriza utwatuzo n’isesekaza rikwiye;</td></tr>
</table>

-Gutahura no gusobanura intego n'amategeko y'igenamajwi bijyana n'izina rusange, ntera, izina ntera.	-Gukoresha neza mu nteruro izina rusange, ntera, izina ntera n'igisantera; -Kugaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi y'izina rusange, ntera n'izina ntera.	-Gushishikarira no gushishikariza abandi gukoresha neza mu nteruro izina rusange, ntera, izina ntera n'igisantera ndetse no gusha intego yabyo.	-Ubugimbi n'ubwangavu; -Isuku y'umubiri n'imyambaro; -Isuku y'aho dutuye. **Izina rusange** -Inshoza y'uturemajambo tw'izina rusange; -Inshoza y'amategeko y'igenamajwi; -Amategeko y'igenamajwi ajyana n'inyajwi; -Amategeko y'igenamajwi ajyana n'ingombajwi. **Ntera** -Uturemajambo twa ntera;	-Gushaka ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe bari mu matsinda; -Kumurika ibyavuye mu matsinda; -Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; -Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko; -Guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe; -Gutondeka ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no kuwukorera inshamake;

			-Intego ya ntera mu nteko zitandukanye n'amategeko y'igenamajwi. **Izina ntera** -Inshoza y'izina ntera; -Uturango tw'izina ntera; -Intego n'amategeko y'igenamajwi. **Ibisantera** -Inshoza y'igisantera; -Uturango tw'igisantera.	-Kwandika neza yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda; -Kungurana ibitekerezo ku ngingo zatanzwe; -Gutondeka interuro agakora inkuru; -Gusesengura amazina rusange ashaka uturemajambo n'amategeko y'igenamjwi; -Gusesengura izina ntera na ntera ashaka uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi; -Gutahura inshoza n'uturango by'igisantera.
Ihuriro n'andi masomo: *Amasomo Mbonezamubano n'Iyobokamana: Ubuzima (Ubugimbi n'ubwangavu, isuku y'umubiri, isuku y'imyanya ndangagitsina, isuku y'aho dutuye)*				

Ubushobozi nsanganyamasomo

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gutahura intego n'amategeko y'igenamajwi, gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

-**Ubushakashatsi:** Binyuze mu guhanga inkuru, gushaka amagambo asesengurwa kimwe n'ayandi, no mu gihe bakora imikoro ibasaba kubaza abo babana.

-**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu:** Mu gihe biga ubutinde n'imiterere y'amasaku, bungurana ibitekerezo mu matsinda cyangwa bamurika ibyakorewe mu matsinda no mu mikoro.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

-**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** Binyuze mu gukora imikoro yahawe no gusobanukirwa amagamo Atari asanze azi.

Indangagaciro

-**Umuco w'amahoro n'Ubworoherane:** Binyuze mu kubaha ibitekerezo by'abandi.

Kwihesha agaciro n'Ubunyangamugayo: Binyuze mu kwiga kwirinda no kwiyubaha cyane cyane mu myaka y'ubugimbi n'ubwangavu.

Kwigira: Binyuze mu kwiyitaho no kwigirira isuku, no mu gukora imyitozo umunyeshuri akora ku giti ke.

-**Kwiyemeza no Kwihangana:** Binyuze mu kudatinya no kudacika intege mu gihe hari impinduka zigenda zigaragara ku mubiri.

-**Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu:** Binyuze mu gaharanira uburenganzira no kwita ku bangavu n'ingimbi.

-**Ubufatanye na Demokarasi:** Binyuze mu gufatanya n'abandi banyeshuri no mu bikorwa by'isuku.

-Kwitangira umurimo: Binyuze mu bikorwa by'ubushake byo gusukura ishuri ryabo, ibyumba n'imibiri yabo.

Ingingo nsaranganyamasomo Muri uyu mutwe harimo ingingo nsanganyamasomo y'ubuzima bw'imyororokere. Umwandiko "Tugire isuku" wigisha abanyeshuri isuku y'imyanya ndangagitsina. Umwandiko "Ubugimbi n'ubwangavu" na wo ugaruka ku buzima bw'inyorokere. Muri uyu mutwe kandi harimo ingingo nsanganyamasomo y'ubuziranenga. Umwandiko "Inama ya muganga n'abaturage" hari ikibazo cyo gusesengura umwandiko kibaza ku buziranenge.
Ibigenderwaho mu isuzuma: *Ubushobozi bwo gusesengura imyandiko ivuga ku buzima;* *Ubushobozi bwo gutahura ntera n'igisantera mu mvugo no mu nyandiko;* *Ubushobozi bwo gukoresha neza ntera, izina ntera n'igisantera mu mvugo no mu nyandiko;* *Ubushobozi bwo gusesengura, amazina mbonera, ntera, izina ntera;* *Ubushobozi bwo guhanga inkuru.*
Imfashanyigisho: *Imyandiko ivuga ku burenganzira bwa muntu, amashusho ajyanye n'imyandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.*

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO	INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, INYUNGURAMAGAMBO, IYIGANTEGO N'IYIGANTERURO	
IKINYARWANDA: Umwaka wa gatanu w'amashuri abanza	**UMUTWE WA 5:** Imiyoborere myiza	**Umubare w'amasomo: 48**

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

-Gusoma no gusesengura imyandiko ijyanye n'imiyoborere myiza;

-Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibinyazina;

-Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amasano yo mu muryango.

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	**Ubumenyi ngiro**	**Ubukesha**		
-Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko; -Gusobanura bimwe mu bijyanye no kwimakaza imiyoborere myiza;	-Gusoma no gusesengura imyandiko ijyanye no kwimakaza imiyoborere myiza; -Gukoresha mu nteruro amagambo yungukiye mu mwandiko;	-Gushishikarira gusoma no kwandika wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye; -Gushima no kunenga abavugwa cyangwa ibivugwa mu mwandiko;	**Imyandiko ku ngingo zerekeye:** -Ubuyobozi bwiza; -Ubutwari; -Kujya inama; -Gukorera ku mihigo;	-Gusoma bucece no gusubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko yasomye; -Gusoma mu ijwri riranguruye basimburana bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye; -Gushaka ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe bari mu matsinda;

-Kurondora amoko y'ibinyazina no gusobanura inshoza y'ikinyazina nyereka, ikinyazina ngenga, ikinyazina ngenera, ikinyazina ngenera ngena n'ikinyazina mbanziriza; -Gusobanura amasano yo mu muryango.	-Gutahura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibinyazina nyereka, ngenera, ngenga, ngenera ngenga na mbanziriza; -Gukoresha neza amasano yo mu muryango mu mvugo no mu nyandiko.	-Kwitabira kumenya amategeko no kuyubahiriza; -Kurangwa n'umuco wo gukoresha uko bikwiye ibinyazina mu mvugo no mu nyandiko; -Kurangwa no gukoresha neza amasano yo mu muryango mu mvugo no mu nyandiko.	-Imikorere y'abunzi. **Ibinyazina nyereka** Inshoza y'ikinyazina nyereka **Ibinyazina ngenera** Inshoza y'ikinyazina ngenera **Ibinyazina ngenga** Inshoza y'ikinyazina ngenga **Ibinyazina ngenera ngenga** Inshoza y'ikinyazina ngenera ngenga	-Kumurika ibyavuye mu matsinda; -Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; -Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko; -Guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe; -Gutondeka ingingo z'ingenzi zigize umwandiko; --Kungurana ibitekerezo ku ngingo zatanzwe; -Gukina bigana abanyarubuga bavugwa mu mwandiko; -Gutegura imihigo bazakora mu cyumweru; -Kujya impaka ku nsanganyamatsiko yatanzwe;

			Ibinyazina mbanziriza Inshoza y'ikinyazina mbanziriza **Amasano yo mu muryango mugari**	-Gutahura ibinyazina nyereka, ngenera, ngenga, ngenera ngenga na mbanziriza mu nteruro; -Gukoresha mu nteruro ikinyazina nyereka, ngenera, ngenga, ngenera ngenga na mbanziriza; -Gutahura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amasano yo mu muryango.
Ihuriro n'andi masomo: *Amasomo Mbonezamubano n'Iyobokamana: Imiyoborere myiza aho igaragara mu myandiko itandukanye (Ubuyobozi bwiza, imikorere y'abunzi, gukorera ku mihigo)*				

Ubushobozi nsanganyamasomo

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu kwimakaza umuco wo kubaha abayobozi no gufatanya na bo mu bikorwa bya buri munsi.

-**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu:** Mu gihe bungurana ibitekerezo mu matsinda cyangwa bamurika ibyakorewe mu matsinda no mu mikoro.

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gushishoza no gufata umwanzuro ukwiriye mu gihe uhawe inshingano.

-**Guhanga udushya:** Binyuze mukwimakaza iyi ndangagaciro iranga umuyozozi mwiza.

-**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** Binyuze mu gukora imikoro yatanzwe no kwiga amagambo atari asobanukiwe.

Indangagaciro

-**Ubufatanye na Demokarasi:** Binyuze mu gukorana neza mu matsinda no guha agaciro ibitekerezo by'abandi.

-**Umuco w'amahoro n'Ubworoherane:** Binyuze mu kubaha ibitekerezo by'abandi.

-**Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu:** Binyuze mu kugaragaza ikinyabupfura ku bantu bose, kudaheza no kudahutazanya.

-**Gukunda Igihugu:** Binyuze mu kungurana ibitekerezo ku kw'imakaza amahoro.

-**Kwiyemeza no Kwihangana:** Binyuze mu kwimakaza indangagaciro z'umuyobozi mwiza.

Ingingo nsaranganyamasomo

Muri uyu mutwe hagaragaramo ingingo nsanganyamasomo ebyiri, ari zo kurwanya jenoside ndetse n'umuco wo kuzigama. Umwandiko wa mbere witwa "Ikiganiro ku miyoborere myiza" umwarimu abaza abanyeshuri ikibazo cyo kuvuga ingaruka mbi z'imiyoborere mibi bafatiye urugero ku Rwanda. Mu ngaruka mbi abana bagomba kuvugamo urwango, amacakubiri ndetse na Jenoside Yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994.

Umuco wo kuzigama ugaragarira mu mwandiko " Ubwenge burarahurwa". Mu bibazo byo gusesengura umwandiko, umwarimu abaza abanyeshuri akamaro ko kwizigamira bagendeye ku bivugwa mu mwndiko.

Ibigenderwaho mu isuzuma:

Ubushobozi bwo gusesengura imyandiko ivuga ku miyoborere myiza;

Ubushobozi bwo gutahura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibinyazina byizwe;

Ubushobozi bwo gukoresha neza amasano yo mu muryango mugari mu mvugo no mu nyandiko.

Imfashanyigisho: *Imyandiko ivuga ku burenganzira bwa muntu, amashusho ajyanye n'imyandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.*

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO	INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, INYUNGURAMAGAMBO, IYIGANTEGO N'IYIGANTERURO	
IKINYARWANDA: Umwaka wa gatanu w'amashuri abanza	**UMUTWE WA 6:** Umuco w'amahoro	**Umubare w'amasomo: 40**

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

-Gusoma no gusesengura imyandiko ijyanye n'umuco w'amahoro;
-Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo aranga igihe;
-Kwandika neza amagambo afatana n'adafatana;
-Gukoresha neza imvugo iboneye ku magambo aranga amasano;
-Gutahura no gukoresha neza imigani y'imigenurano ivuga ku muco w'amahoro.

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	**Ubumenyi ngiro**	**Ubukesha**		
-Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko; -Gutahura no gusobanura amagambo aranga igihe;	-Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku muco w'amahoro. -Gukoresha mu nteruro amagambo yungukiye mu mwandiko;	-Gushishikarira gusoma no kwandika yubahiriza utwatuzo n'iyitsa; -Gushima no kunenga abavugwa cyangwa ibivugwa mu mwandiko;	**Imyandiko ku ngingo zerekeye:** -Kwirinda guhemuka; -Kugira neza;	-Gusoma bucece no gusubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko yasomye; -Gusoma mu ijwri riranguruye basimburana bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye;

-Gusobanura uko bandika amagambo afatana n'adafatana; -Gutahura no gusobanura imvugo ibonye ku magambo agaragaza amasano yo mu muryango; -Gutahura no gusobanura imigani y'imigenurano ivuga ku muco w'amahoro.	-Kwandika neza amagambo aranga igihe; -Kwandika neza yubahiriza imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana; -Gukoresha imvugo iboneye ku magambo agaragaza amasano yo mu muryango; -Gukoresha nezaimigani y'imigenurano ivuga ku muco w'amahoro.	-Kurangwa no kwandika neza amagambo aranga igihe; -Gushishikarira kwandika neza yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda; -Kujora abakoresha imvugo itaboneye ku magambo aranga amasano yo mu muryango.	-Ineza yiturwa indi; -Umugisha wa kibyeyi; -Kubana mu mahoro; -Akamaro ko kuvugisha ukuri; **Imyandikire y'amagambo aranga igihe** **Imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana** **Ikeshamvugo ku masano** **Imigani y'imigenurano ivuga ku muco w'amahoro**	-Gushaka ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe, bari mu matsinda; -Kumurika ibyavuye mu matsinda; -Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; -Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko; -Guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe; -Gutondeka ingingo z'ingenzi zigize umwandiko; Guhanga inkuru ku ngingo zatanzwe; -Gushushanya igice k'inkuru yasomye; -Kujya impaka ku nsanganyamatsiko yatanzwe; -Kwandika neza amagambo aranga igihe;

				-Gukosora imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana; -Gukosora no kwandika neza imvugo zijyanye n'amagambo aranga amasano; -Gutahura imigani migufi ivuga ku muco w'amahoro; -Kuzuza imigani migufi yahawe.
Ihuriro n'andi masomo: *-Amasomo Mbonezamubano n'Iyobokamana: Umuco w'amahoro (imibanire n'abandi)* *-Ubugeni n'ubukorikori: Gushushanya ibice by'inkuru.*				

Ubushobozi nsanganyamasomo

-Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

-Ubushakashatsi: Binyuze mu gushaka ibisobanuro by'amagambo atari asobanukiwe, no mu gihe bakora imikoro ibasaba kubaza abo babana.

-Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu: Mu gihe bungurana ibitekerezo mu matsinda cyangwa bamurika ibyakorewe mu matsinda no mu mikoro.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

-Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: Binyuze mu gukora imikoro yahawe.

Indangagaciro

-Kwigira: Binyuze mu mikoro n'imyitozo umunyeshuri akora ku giti ke.

-Umuco w'amahoro n'Ubworoherane: Binyuze mu kubaha ibitekerezo by'abandi.

-Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu: Binyuze mu kugaragaza ikinyabupfura ku bantu bose, kudaheza no kudahutazanya.

-Ubufatanye na Demokarasi: Binyuze mu gukorana neza mu matsinda no guha agaciro ibitekerezo by'abandi.

-Gukunda Igihugu: Binyuze mu kungurana ibitekerezo ku byateza imbere igihugu.

-Kwitangira umurimo: Binyuze mu kwiga gukora no guharanira kugera ku iterambere.

-Kwiyemeza no Kwihangana: Binyuze mu kudacibwa intege n'imbogamizi n'imiruho bahura na byo mu rugendo rwo kwiteza imbere.

Ingingo nsaranganyamasomo
Muri uyu mutwe harimo ingingo nsanganyamasomo y'umuco w'amahoro. Imyandiko myinshi iri muri uyu mutwe igenda igaruka ku muco w'amahoro. Umwarimu ahera ku bibazo bibajijwe kuri iyo myandiko maze agashimangira ingingo yo kubana mu mahoro no mu bwumvikane.
Ibigenderwaho mu isuzuma: *Ubushobozi bwo gusesengura imyandiko ivuga ku muco w'amahoro;* *Ubushobozi bwo kwandika neza amagambo aranga igihe n'amagambo afatana n'adafata;* *Ubushobozi bwo gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko imvugo ziranga amasano yo mu muryango;* *Ubushobozi bwo gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko imigani migufi ijyanye n'umuco w'amahoro.*
Imfashanyigisho: *Imyandiko ivuga ku burenganzira bwa muntu, amashusho ajyanye n'imyandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.*

6.4. Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda yo mu wa gatandatu

6.4. 1. Ubushobozi bugamijwe nyuma y'umwaka wa gatandatu

Umunyeshuri urangije umwaka wa gatandatu agomba kuba ashobora:

-Gusobanura ibyo yasomye, yasomewe cyangwa yabwiwe;

-Kumvikanisha mu ruhame igitekerezo ke;

-Kwisomera no gusomera abandi imyandiko iri mu Kinyarwanda;

-kugeza ku bandi ibitekerezo bye mu nyandiko ikwiye;

-Kwisesengurira umwandiko;

-Gusoma bucece no gusoma aranguruye ijwi yubahiriza isesekaza rikwiye;

-Kwandika no guhanga yubahiriza inyurabwenge n'imyandikire yemewe;

-Gukora inyandiko zisanzwe zo mu buzima busanzwe;

-Gusobanura imiterere y'ururimi.

6.4.2. Imbonerahamwe y'imitwe y'amasomo mu mwaka wa gatandatu

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO	**INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, INYUNGURAMAGAMBO, IYIGANTEGO N'IYIGANTERURO**	
IKINYARWANDA: Umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza	**UMUTWE WA 1:** Umuco nyarwanda	**Umubare w'amasomo**: **40**

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

-Gusoma no gusesengura imyandiko ijyanye n'umuco nyarwanda;

-Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ikeshamvugo;

-Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibinyazina;

-Guhanga indirimbo no kuyiririmba;

-Gutandukanya amoko y'insigamigani.

Intego			**Ibyigwa**	**Ibikorwa by'umunyeshuri**
Ubumenyi	**Ubumenyi ngiro**	**Ubukesha**		
-Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko;	-Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku muco nyarwanda;	-Gushishikarira gusoma imyandiko itandukanye ivuga ku muco nyarwanda;	**Imyandiko ku ngingo zerekeye:** -Umuco wo kuganira mu muryango no gukoresha imvugo yabugenewe;	-Gusoma bucece no gusubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko yasomye; -Gusoma mu ijwi riranguruye basimburana;

-Gusobanura bimwe mu bijyanye n'umuco nyarwanda mu mibanire y'Abanyarwanda bigaragara mu mwandiko; -Gutahura amagambo yabugenewe ku ngobyi, urusyo n'isekuru; -Gutahura no gusobanura ibinyazina mpamagazi; -Gutahura uturango tw'indirimbo; -Gutahura inshoza,uturango n'amoko by'insigamigani.	-Gukoresha mu nteruro amagambo yungukiye mu mwandiko; -Kunoza imvugo akoresha amagambo yabugenewe ku ngobyi, urusyo n'isekuru; -Gukoresha neza mu nteruro amagambo yungukiye mu mwandiko; -Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibinyazina mpamagazi; -Guhanga indirimbo no kuyiririmba;	-Kugaragaza imyitwarire yo kwimakaza umuco nyarwanda no kurangwa n'imibanire myiza n'abandi; -Kurangwa no gukoresha neza imvugo yabugenewe no kujora abayikoresha mu buryo butanoze; -Gushishikarira gutanga impanuro akoresheje insigamigani.	-Kumvira inama z'inararibonye; -Itorero ry'Igihugu n'amatorero ndangamuco; -Umuco wo kuba ingirakamaro no kwirinda kubeshyera abandi. **Ikeshamvugo:** -Amagambo yabugenewe ku isekuru; -Amagambo yabugenewe ku ngobyi; -Amagambo yabugenewe ku rusyo.	-Gushaka ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe, bakorera mu matsinda; Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; -Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko; -Kumurika ibyavuye mu matsinda; -Kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko; -Guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe; -Kwandika irindi herezo ry'inkuru; -Kungurana ibitekerezo ku ngingo yahawe; -Gutondeka ibitekerezo mu buryo bw'inyurabwenge; -Gusomera mu isomero imyandiko yihitiyemo no kumurika inshamake y'ibyo yasomye;

	-Gukoresha insigamiganimu mvugo no mu nyandiko.		**Ikinyazina mpamagazi** -Inshoza y'ikinyazina mpamagazi; -Uturango tw'ikinyazina mpamagazi; -Imbonerahamwe y'ibinyazina mpamagazi. **Indirimbo** -Inshoza y'indirimbo; -Uturango tw'indirimbo. **Insigamigani** -Inshoza y'insigamigani; -Uturango tw'insigamigani; -Amoko y'insigamigani.	-Guhina umwandiko (gukora inshamake) yubahiriza uko bikorwa; -Gukina yigana abanyarubuga bagaragara mu misango y'ubukwe; -Gutahura imvugo yabugenewe; -Gukina agakino ko kwimenyereza gukoresha imvugo iboneye; -Gusimbuza imvugo itanoze, imvugo yabugenewe ikoreshwa ku isekuru, ku ngobyi no ku rusyo; -Gutahura inshoza n'uturango by'ikinyazina mpamagazi; -Guhanga indirimbo no kuyiririmba; -Gutahura inshoza n'uturango by'insigamigani; -Gutandukanya amoko y'insigamigani.

Ihuriro n'andi masomo:

Amasomo mbonezamubano n'iyobokamana: Kwitabira kubana neza n'abandi no gukurikiza impanuro z'inararibonye

Ubushobozi nsanganyamasomo

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho, gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko no gutahura ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.

-**Ubushakashatsi:** Binyuze mu gushaka ibisobanuro by'insigamigani, iby'amagambo atari asobanukiwe, no mu gihe bakora imikoro ibasaba kubaza abo babana.

-**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu:** Mu gihe baririmba, biga ikeshamvugo, bungurana ibitekerezo mu matsinda cyangwa bamurika ibyakorewe mu matsinda no mu mikoro hakoreshwa neza Ikinyarwanda.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

-**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** Binyuze mu gukora imikoro yahawe no gushaka inkoko z'inzigamigani.

Indangagaciro

-**Ndi Umunyarwanda:** Binyuze mu gukunda umuco n'umurage by'Igihugu cyacu.

-**Umuco w'amahoro n'Ubworoherane:** Binyuze mu kubaha ibitekerezo by'abandi.

-**Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu:** Binyuze mu kugaragaza ikinyabupfura ku bantu bose, kudaheza no kudahutazanya.

-**Ubufatanye na Demokarasi:** Binyuze mu gukorana neza mu matsinda no guha agaciro ibitekerezo by'abandi.

-**Gukunda Igihugu:** Binyuze mu bikorwa byo guteza imbere umuco nyarwanda.

-**Kwihesha agaciro n'Ubunyangamugayo:** Binyuze mu kwimenereza kuririmba indirimbo gakondo no guharanira kugira imyitwarire myiza iranga Umunyarwanda.

-Kwigira: Binyuze mu guhanga indirimbo buri wese ku giti ke.

Ingingo nsaranganyamasomo

Muri uyu mutwe wibanda cyane ku ngingo nsanganyamasomo zikurikira: Iya mbere ni muco w'amahoro aho ugaragarira mu myandiko itandukanye yerekana imibanire y'abantu, gusabana mu matorero yo kubyina no mu gihe k'imisango y'ubukwe n'ahandi; iya kabiri ubumenyi kuri jenoside aho igaragarira mu kwimakaza indangagaciro nyarwanda dusanga mu myandiko itandukanye ishishikariza kwirinda amacakubiri, iya gatatu ikaba uburezi budaheza aho bugaragarira mu mashusho y'imyandiko no mu bikorwa umwarimu akoresha abanyeshuri mu ishuri.

Ibigenderwaho mu isuzuma:

Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko;

Ubushobozi bwo guhina umwandiko (gukora inshamake) yubahiriza uko bikorwa;

Ubushobozi bwo gutahura no gukoresha imvugo yabugenewe ku isekuru, ku ngobyi no ku rusyo;

Ubushobozi bwo guhanga indirimbo no kuyiririmba;

Ubushobozi bwo gutahura inshoza n'uturango by'insigamigani ndetse no gutandukanya amoko y'insigamigani.

Imfashanyigisho: *Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zifatika, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.*

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO	INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, INYUNGURAMAGAMBO, IYIGANTEGO N'IYIGANTERURO	
IKINYARWANDA: Umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza	**UMUTWE WA 2:** Ibidukikije	**Umubare w'amasomo**: **48**

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gusoma no gusesengura imyandiko ijyanye no gufata neza ibidukikije;
- Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibinyazina.

Intego			Ibyigwa	Ibikorwaby'umunyeshuri
Ubumenyi	**Ubumenyi ngiro**	**Ubukesha**		
-Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko;	-Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku bidukikije; -Gukoresha neza mu nteruro amagambo yungukiye mu mwandiko;	-Gushishikarira no gushishikariza abandi gufata neza ibidukikije no gusura ahantu nyaburanga; -Kurangwa no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibinyazina.	**Imyandiko ku ngingo zerekeye:** -Ibyiza bitatse u Rwanda; -Akamaro k'ibidukikije n'uburyo bwo kubibungabunga; -Pariki y'Igihugu ya Nyungwe n'iy'Akagera;	-Gusoma bucece no gusubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko yasomye; -Gusoma mu ijwi riranguruye basimburana; -Gushaka ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe, bakorera mu matsinda;

-Gutahura ikinyazina ndafutura, ikinyazina nyamubaro, ikinyazina mbaza n'ikinyazina mboneranteko.	-Gukoresha neza mu mvugo no munyandiko ikinyazina ndafutura, ikinyazina nyamubaro, ikinyazina mbaza n'ikinyazina mboneranteko.		-Kwirinda no kurwanya inkongi y'umuriro; -Akamaro k'ubukerarugendo. **Ikinyazina ndafutura** -Inshoza y'ikinyazina ndafutura; -Amoko y'ibinyazina ndafutura; -Imbonerahamwe y'ibinyazina ndafutura. **Ikinyazina mbaza** -Inshoza y'ikinyazina mbaza; **Ikinyazina nyamubaro** -Inshoza y'ikinyazina nyamubaro;	-Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; -Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko; -Kumurika ibyavuye mu matsinda; -Kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko; -Guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe; -Kwandika irindi herezo ry'inkuru; -Kungurana ibitekerezo ku ngingo yahawe; -Gutondeka ibitekerezo mu buryo bw'inyurabwenge; -Gusomera mu isomero imyandiko yihitiyemo no kumurika inshamake y'ibyo yasomye;

			-Uturango tw'ikinyazina nyamubaro; -Imbonerahamwe y'ibinyazina nyamubaro. -Uturango tw'ikinyazina mbaza; -Imbonerahamwe y'ibinyazina mbaza. **Ikinyazina mboneranteko** -Inshoza y'ikinyazina mboneranteko; -Uturango tw'ikinyazina mboneranteko; --Imbonerahamwe y'ibinyazina mboneranteko.	-Guhina umwandiko (gukora inshamake) yubahiriza uko bikorwa; -Kubara inkuru; -Gukora ikiganiro mpaka (Kujya impaka) -Gufata umuvugo mu mutwe no kuwutondagura; -Gutahura inshoza n'uturango by'ikinyazina ndafutura, nyamubaro, mbaza, na mboneranteko; -Gukoresha ikinyazina ndafutura, nyamubaro, mbaza, na mboneranteko mu mvugo no mu nyandiko; -Gutahura amoko y'ibinyazina ndafutura; -Gutahura ibinyazina mbaza mu mwandiko.

Ihuriro n'andi masomo:

Amasomo mbonezamubano n'iyobokamana: Kwitabira kubana neza n'abandi no gukurikiza impanuro z'inararibonye

Imibare: Gukoresha imibare mu kwiga ikinyazina nyamubaro

Ubushobozi nsanganyamasomo

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

-**Ubushakashatsi:** Binyuze mu gushaka ibisobanuro by'amagambo atari asobanukiwe, no mu gihe bakora imikoro ibasaba kubaza abo babana.

-**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu:** Mu gihe bungurana ibitekerezo mu matsinda cyangwa bamurika ibyakorewe mu matsinda no mu mikoro.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

-**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** Binyuze mu gukora imikoro yahawe.

-**Guhanga udushya:** Binyuze mu guhanga no gutondagura umuvugo.

Indangagaciro

- **Kwigira:** Binyuze mu mikoro n'imyitozo umunyeshuri akora ku giti ke.
-**Umuco w'amahoro n'Ubworoherane:** Binyuze mu kubahana no kwihanganirana mu ishuri no mu buzima busanzwe.
-**Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu:** Binyuze mu kugaragaza ikinyabupfura ku bantu bose, kudaheza no kudahutazanya.
-**Ubufatanye na Demokarasi:** Binyuze mu gukorana neza mu matsinda no guha agaciro ibitekerezo by'abandi.
-**Gukunda Igihugu:** Binyuze mu guharanira ubutwari, guteza imbere ubukerarugendo, kurinda no gusigasira ibyiza bitatse u Rwanda.
-**Kwitangira umurimo:** Binyuze mu kwiga gukora no guharanira kugera ku iterambere.
- **Kwitangira umurimo:** Binyuze mu kwiyemeza kubungabunga ibidukikije.

Ingingo nsaranganyamasomo

Muri uyu mutwe hibandwa cyane ku ngingo nsanganyamasomo yo kubungabunga ibidukikije aho bigaragarira mu myandiko itandukanye yerekana ibyiza bitatse u Rwanda.

Ibigenderwaho mu isuzuma:

Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko;

Ubushobozi bwo guhina umwandiko yubahiriza uko bikorwa;

Ubushobozi bwo gutahura no gukoresha neza ibinyazina (ndafutura, nyamubaro, mbaza, mboneranteko) mu mvugo no mu nyandiko.

Imfashanyigisho: *Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zifatika, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.*

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO	INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, INYUNGURAMAGAMBO, IYIGANTEGO N'IYIGANTERURO	
IKINYARWANDA: Umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza	**UMUTWE WA 3:** Ubuzima	**Umubare w'amasomo**: **40**

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

-Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'ubuzima;

-Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibihe byungirije by'inshinga;

-Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko inshoberamahanga.

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	**Ubumenyi ngiro**	**Ubukesha**		
-Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko; -Gutahura no gusobanura ibihe byungirije by'inshinga;	-Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko zijyanye n'ubuzima;	-Gushishikarira no gushishikaririza abandi gufata neza ubuzima; -Kurangwa no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibihe byungirije by'inshinga;	**Imyandiko ku ngingo zerekeye:** -Kwitabira kwirinda indwara no kwivuza ku gihe; -Gutega amatwi inama zo kubungabunga ubuzima;	-Gusoma bucece no gusubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko yasomye; -Gusoma mu ijwi riranguruye basimburana;

-Gutahura no gusobanura inshoberamah-anga.	-Gukoresha mu nteruro amagambo yungukiye mu mwandiko; -Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibihe byungirije by'inshinga; -Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko inshoberamah-anga.	-Gushishikarira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko inshoberama-hanga.	-Ingamba zo kubungabunga ubuzima; -Kwirinda abadushuka bashaka kutwangiriza ubuzima; -Agaciro k'ubuzima. **Ibihe byungirije by'inshinga (mu ndagihe)** -Indagihe y'ubu (y'aka kanya); -Indagihe y'ubusanzwe; -Indagihe y'imbarankuru; -Indagihe y'igikomezo.	-Gushaka ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe, bakorera mu matsinda; -Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; -Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko; -Kumurika ibyavuye mu matsinda; -Kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko; -Guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe; -Kungurana ibitekerezo ku ngingo yahawe; -Gutondeka ibitekerezo mu -buryo bw'inyurabwenge; -Gukina bigana abanyarubuga;

			Ibihe byungirije by'inshinga (mu mpitagihe) -Impitagihe y'impitakare; -Impitagihe y'impitakera. **Ibihe byungirije by'inshinga (mu nzagihe)** -Inzagihe y'inzahato; -Inzagihe y'inzakera. **Inshoberamahanga** -Inshoza y'inshoberamahanga; -Uturango tw'inshoberamahanga.	-Gusomera mu isomero imyandiko yihitiyemo no kumurika inshamake y'ibyo yasomye; -Kwandika irindi herezo ry'inkuru; -Guhina umwandiko (gukora inshamake) yubahiriza uko bikorwa; -Kubara inkuru; -Gukora ikiganiro mpaka (Kujya impaka) -Gufata mu mutwe no gutondagura umuvugo; -Gutahura ibihe byungirije by'indagihe, impitagihe, inzagihe; -Gutondagura inshinga mu gihe cyatanzwe; -Gutahura inshoza n'uturango by'inshoberamahanga; -Gushaka inshoberamahanga no gutanga ibisobanuro byazo.

Ihuriro n'andi masomo:

Amasomo mbonezamubano n'iyobokamana: Kubana n'abandi dukurikiza inama nziza zo kurinda ubuzima ariko tunirinda abadushuka.

Ubushobozi nsanganyamasomo

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

-**Ubushakashatsi:** Binyuze mu gushaka ibisobanuro by'amagambo atari asobanukiwe, no mu gihe bakora imikoro ibasaba kubaza abo babana.

-**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu:** Mu gihe biga inshoberamahanga, bakina bigana abanyarubuga no mu mikoro.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

-**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** Binyuze mu gukora imikoro yahawe no guhina inkuru mu buryo bunoze.

Indangagaciro

-**Kwigira:** Binyuze mu mikoro n'imyitozo umunyeshuri akora ku giti ke.

-**Umuco w'amahoro n'Ubworoherane:** Binyuze mu kubaha ubuzima n'imbamutima z'abandi.

-**Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu:** Binyuze mu kugaragaza ikinyabupfura, kudaheza no kudahutazanya.

-**Ubufatanye na Demokarasi:** Binyuze mu gukorana neza mu matsinda no guha agaciro ibitekerezo by'abandi no guha urubuga ibitsina byombi.

-**Gukunda Igihugu:** Binyuze mu kwirinda indwara no kubungabunga ubuzima bw'Abanyarwanda muri rusange.

Kwiyemeza no Kwihangana: Binyuze mu kudacibwa intege n'uburwayi no kwizera ejo heza.

Ingingo nsaranganyamasomo
Uyu mutwe wibanda cyane ku buzima bw'imyororokera aho bigaragarira mu myandiko itandukanye ivuga ku buzima bw'imyororokera, indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, uburyo bwo kwirinda ibishuko. Harimo kandi uburezi budaheza ndetse n'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi aho bigaragarira mu mashusho y'imyandiko n'uko umwarimu afasha abafite ibibazo byihariye mu bikorwa bitandukanye kandi agakomoza no ku buringanire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi.
Ibigenderwaho mu isuzuma: *Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko;* *Ubushobozi bwo guhina umwandiko yubahiriza uko bikorwa;* *Ubushobozi bwo gutahura no gukoresha ibihe byungirije by'indagihe, impitagihe, inzagihe;* *Ubushobozi bwo gutahura inshoza n'uturango by'inshoberamahanga* *Ubushobozi bwo gushaka inshoberamahanga no gutanga ibisobanuro byazo.*
Imfashanyigisho: *Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zifatika, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.*

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO	INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, INYUNGURAMAGAMBO, IYIGANTEGO N'IYIGANTERURO	
IKINYARWANDA: Umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza	**UMUTWE WA 4:** Uburinganire n'ubwuzuzanye	**Umubare w'amasomo: 48**

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

-Gusesengura imyandiko ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye;

-Kwandika umwirondo no kuwubwira bagenzi be;

-Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yabugenewe ku mwami no ku ngoma;

-Kwandika yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	**Ubumenyi ngiro**	**Ubukesha**		
-Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko; -Gutahura inshoza y' imvugo itaziguye n'iy' imvugo iziguye;	-Gusoma no gusesengura imyandiko ku nsanganyamatsiko ijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye; -Gukoresha neza mu nteruro amagambo yungukiye mu mwandiko;	-Gushishikarira no gushishikariza abandi kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye; -Kurangwa no kuvuga neza umwirondoro we mu gihe yibwira abandi;	**Imyandiko ku ngingo zerekeye:** -Uburinganire n'ubwuzuzanye; -Gushyira hamwe; -Amahirwe angana yo kwiga ku bahungu n'bakobwa;	-Gusoma bucece no gusubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko yasomye; -Gusoma mu ijwi riranguruye basimburana bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye;

-Gusobanura amabwiriza agenga imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda; -Gusobanura uko bandika umwirondoro; -Gutahura no gusobanura imvugo yabugenewe ku mwami no ku ngoma.	-Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko imvugo itaziguye n'imvugo iziguye; -Kwandika umwirondo no kuwubwira bagenzi be; -Kwandika yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda; -Guhanga umwandiko; -Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yabugenewe ku mwami no ku ngoma.	-Gushishikarira kuvuga mu ruhame ashize amanga; -Gushishikarira guhanga umwandiko yubahiriza amabwiriza; -Kurangwa no gukoresha neza imvugo yabugenewe ku mwami no ku ngoma no kujora abayikoresha mu buryo butanoze; -Kurangwa no kwandika yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda no kujora inyandiko zanditse zidakurikije imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.	-Ubushobozi bw'abana b'abakobwa. **Imvugo itaziguye n'imvugo iziguye** -Inshoza; -Impinduka hagati y'imvugo itaziguye n'imvugo iziguye. -Ikeshamvugo ku ngoma. **Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda** Amagambo afatana n'amagambo adafatana **Ikeshamvugo** Imikoreshereze iboneye ya "nti, ntu, nta, si, nka"	-Gushaka ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe, bari mu matsinda; -Kumurika ibyavuye mu matsinda; -Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; -Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko; -Guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe; -Gutondeka ingingo z'ingenzi zigize umwandiko -Kungurana ibitekerezo ku ngingo yahawe; -Kujya impaka ku nsanganyamatsiko zatanzwe;

		-Gushishikarira gusoma inku-ru yifashishije ibikoresho by'iko-ranabuhanga;	**Umwirondoro** Inshoza y'umwirondoro **Ikeshamvugo** -Ikeshamvugo ku mwami;	-Kuvuga muri make inkuru yasomye; -Gushaka irindi herezo ry'inkuru yasomye; -Guhanga umwandiko ku nsanganyamatsiko yahawe; -Gushushanya inkuru yasomye -Gutondagura umuvugo yize; -Gutahura inshoza y'imvugo itaziguye n'imvugo iziguye; -Kwandika yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda; -Kwandika umwirondoro we yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda; -Gukoresha mu mvugo no mu nyandiko amagambo yabugenewe ku mwami ku ngoma.

Ihuriro n'andi masomo:

-Amasomo Mbonezamubano n'Iyobokamana: Uburinganire n'ubwuzuzanye (Aho bugaragarira mu myandiko itandukanye)

-Icyongereza: Umwirondoro (Umunyeshuri avuga umwirondoro we)

Ubushobozi nsanganyamasomo

-Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

-Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu: Binyuze mu gutondagura umuvugo, gukoresha ikeshamvugo riboneye no mu guhe cyo kungurana ibitekerezo mu matsinda.

-Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi: Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

-Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: Binyuze mu gukora imikoro yahawe.

-Ubushakashatsi: busanzweho no gusobanura ibintu ahereye ku makuru yakusanyije.

Indangagaciro

-Umuco w'amahoro n'Ubworoherane: Binyuze mu gutega amatwi no kubaha ibitekerezo by'abandi.

-Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu: Binyuze mu kwirinda ubusumbane, ihohoterwa n'iheza no kurangwa n'umuco wo kubaha abantu bose.

-Ubufatanye na Demokarasi: Binyuze mu gukorana neza mu matsinda no guha agaciro ibitekerezo bya buri muntu hadashingiwe ku gitsina.

-Gukunda Igihugu: Binyuze guharanira uburinganire n'ubwuzuzanye mu Gihugu cyacu.

-Kwiyemeza no Kwihangana: Binyuze mu kudacibwa intege n'imyumvire ya bamwe na bamwe barangwa no guheza cyangwa ubusumbane.

-**Ndi Umunyarwanda:** Binyuze mu kwimakaza indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda ziteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye. -**Ubutabera:** Binyuze mu gucyaha abantu babuza abandi uburenganzira bwabo.
Ingingo nsaranganyamasomo Muri uyu mutwe wibanda cyane ku buringanire n'ubwuzuzanye aho bigaragarira mumyandiko itandukanye yimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye. Harimo kandi umuco w'amahoro ugaragarira mu myandiko aho bamwe mu banyarubuga bisubiraho bagakemura amakimbirane bari bafitanye mu muryango bityo bakimakaza umuco w'amahoro.
Ibigenderwaho mu isuzuma: *Ubushobozi bwo gusesengura no guhina imyandiko ivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye;* *Ubushobozi bwo gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yabugenewe ku mwami no ku ngoma;* *Ubushobozi bwo kwandika neza umwirondoro we yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda;* *Ubushobozi bwo kuvuga no kwandika neza yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.*
Imfashanyigisho: *Imyandiko ivuga ku muco nyarwanda, amashusho ajyanye n'imyandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.*

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO	INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, INYUNGURAMAGAMBO, IYIGANTEGO N'IYIGANTERURO	
IKINYARWANDA: Umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza	**UMUTWE WA 5:** Itumanaho n'ikoranabuhanga	**Umubare w'amasomo: 40**

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

-Gusoma no gusesengura imyandiko ku nsanganyamatsiko zijyanye n'itumanaho n'ikoranabuhanga;

-Gukora imbwirwaruhame no kuyivuga mu ruhame;

-Kwandika ubutumwa bugufi, ibaruwa y'ubuyobozi n'amatangazo yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	**Ubumenyi ngiro**	**Ubukesha**		
-Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko; -Gusobanura uko bakora imbwirwaruhame;	-Gusoma no gusesengura imyandiko ijyanye n'insanganyamatsiko z'itumanaho n'ikoranabuhanga; -Gukoresha neza mu nteruro amagambo yungukiye mu mwandiko;	-Gushishikarira no gushishikariza abandi gukoresha ikoranabuhanga, haba mu itumanaho cyangwa se mu buzima busanzwe;	**Imyandiko ku ngingo zerekeye:** -Itumanaho hifashishijwe terefone; -Kohereza ubutumwa hifashishijwe terefone;	-Gusoma bucece no gusubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko yasomye; -Gusoma mu ijwi riranguruye basimburana bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye; -Gushaka ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe, bari mu matsinda;

-Gusobanura uko bandika ubutumwa bugufi, ibaruwa y'ubuyobozi n'amatangazo yubahiriza imyandikire y'Ikinyarwanda.	-Gukora imbwirwaruhame yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda; -Gusoma no kwandika ubutumwa mugufi, ibaruwa y'ubuyobozi n'amatangazo yubahiriza imyandikire y'Ikinyarwanda.	-Gushishikarira gukora imbwirwaruhame no kubishishikariza abandi no kuyivugira mu ruhame; -Kurangwa no gusoma no kwandika ubutumwa bugufi, ibaruwa y'ubuyobozi n'amatangazo.	-Itumanaho hifashishijwe ibaruwa; -Ikoranabuhanga -Uburyo bwo kubona amakuru **Imbwirwaruhame** -Inshoza y'imbwir-waruhame; -Uturango tw'imb-wirwaruhame. **Ubutumwa bugufi** -Inshoza y'ubutumwa bugufi; -Uturango tw'ubutumwa bugufi. **Ibaruwa y'ubuyobozi** -Inshoza y'ibaruwa y'ubuyobozi;	-Kumurika ibyavuye mu matsinda; -Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; -Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko; -Guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe; -Gutondeka ingingo z'ingenzi zigize umwandiko -Kungurana ibitekerezo ku ngingo yahawe; -Gushaka irindi herezo ry'inkuru yasomye; -Guhanga inkuru no kuyibwira abandi; -Gutahura inshoza n'uturango by'imbwirwaruhame; --Gutegura imbwirwaruhame no kuyivuga;

			-Uturango tw'ibaruwa y'ubuyobozi; -Imbata y'ibaruwa y'ubuyobozi. **Amatangazo** -Inshoza y'amatangazo; -Uturango tw'amatangazo; -Amoko y'amatangazo	-Gukina inkuru cyangwa ikinamico basomye; -Gutahura inshoza n'uturango by'ubutumwa bugufi; -Kwandika ubutumwa bugufi yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda; -Gutahura inshoza n'uturango by'ibaruwa y'ubuyobozi; -Gushushanya imbata y'ibaruwa y'ubuyobozi; -Kwandika ibaruwa y'ubuyobozi yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda; -Gutahura inshoza, uturango n'amoko by'amatangazo; -Kwandika amatangayo yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Ihuriro n'andi masomo:
Ubumenyi n'Ikoranabuhanga riciriritse: Itumanaho n'ikoranabuhanga (mu myandiko itandukanye)
Ubushobozi nsanganyamasomo
-Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.
-Ubushakashatsi: Binyuze mu gushaka ibisobanuro by'amagambo atari asobanukiwe, no mu gihe bakora imikoro ibasaba kubaza abo babana cyangwa kwifashisha imbuga nkoranyambaga.
-Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu: Mu gihe bategura kandi bavuga imbwirwaruhame, bandika cyangwa basoma amatangazo n'igihe bandika ibaruwa y'ubuyobozi.
-Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi: Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.
-Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: Binyuze mu gukora ubushakashatsi no gukora imikoro yatanzwe.
-Guhanga udushya: Binyuze mu myitozo yo guhanga imyandiko itandukanye
-Ubushakashatsi: busanzweho no gusobanura ibintu ahereye ku makuru yakusanyije.
Indangagaciro
-Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu: Binyuze mu kugaragaza ikinyabupfura ku bantu bose, kudaheza no kudahutazanya.
-Ubufatanye na Demokarasi: Binyuze mu gukorana neza mu matsinda no guha agaciro ibitekerezo by'abandi.
-Gukunda Igihugu: Binyuze mu kungurana ibitekerezo ku byateza imbere ikoranabuhanga mu Gihugu.
-Kwigira: Binyuze mu gukora ubushakashatsi, imikoro n'imyitozo umunyeshuri akora ku giti ke.
-Umuco w'amahoro n'Ubworoherane: Binyuze mu kubaha ibitekerezo by'abandi no no gutega amatwi mu gihe umuntu avuga imbwirwaruhame.

-**Kwitangira umurimo:** Binyuze mu gukoresha ikoranabuhanga mu gihe cyo kwiga no kwihatira kumenya byinshi bijyanye na byo.

-**Kwiyemeza no Kwihangana:** Binyuze mu kudacibwa intege n'imbogamizi bahura na byo mu rugendo rwo kwiyungura ubumenyi.

Ingingo nsaranganyamasomo

Muri uyu mutwe wibanda cyane ku buringanire n'ubwuzuzanye aho bigaragarira mu myandiko. Harimo kandi umuco wo kuzigama ugaragarira mu myandiko aho hibandwa ku gukoresha ikoranabuhanga mu kwandika ubutumwa bugufi, ibaruwa n'ibindi kugira ngo bazigame umwanya n'ibikoresho nk'impapuro n'ikaramu.

Ibigenderwaho mu isuzuma:

Ubushobozi bwo gusesengura imyandiko ivuga ku itumanaho n'ikoranabuhanga;

Ubushobozi bwo gutegura imbwirwaruhame no kuyivuga neza;

Ubushobozi bwo kwandika ubutumwa bugufi, ibaruwa y'ubuyobozi n'amatangazo yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Imfashanyigisho: *Imyandiko ivuga ku muco nyarwanda, amashusho ajyanye n'imyandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.*

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO	INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, INYUNGURAMAGAMBO, IYIGANTEGO N'IYIGANTERURO	
IKINYARWANDA: Umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza	**UMUTWE WA 6:** Gukunda umurimo	**Umubare w'amasomo: 48**

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:
-Gusoma no gusesengura imyandiko ijyanye no gukunda umurimo;
-Gukoresha neza amagambo yabugenewe;
-Kubara inkuru ku byo yabonye cyangwa yumvise;
-Guhanga no gukina ikinamico;
-Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibyungo n'imigereka.

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	**Ubumenyi ngiro**	**Ubukesha**		
-Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko; -Gusobanura amagambo yabugenewe ku rusaku rw'ibintu, intaho y'abantu n'inyamaswa n'amatsinda y'ibintu;	-Gusoma no gusesengura imyandiko ijyanye no gukunda umurimo; -Gukoresha mu nteruro amagambo yungukiye mu mwandiko;	-Kurangwa no gukunda umurimo; -Kurangwa no gukoresha neza amagambo yabugenewe ku rusaku rw'ibintu, amatsinda y'ibintu, ku ntaho y'abantu n'inyamaswa;	**Imyandiko ku ngingo zerekeye:** -Gukunda umurimo; -Inkomoko y'iterambere rirambye;	-Gusoma bucece no gusubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko yasomye; -Gusoma mu ijwi riranguruye basimburana bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye;

-Gutahura inshoza n'uturango by'inkuru ngufi n'ikinamico; -Gutahura inshoza n'uturango tw'icyungo n'umugereka.	-Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yabugenewe ku rusaku rw'ibintu, ku matsinda y'ibintu; ku ntaho y'abantu n'inyamaswa; -Guhanga inkuru no kuyibarira abandi ndetse no kubara inkuru ku byo yabonye cyangwa yumvise; -Guhina umwandiko yize; -Guhanga ikinamico no kuyikina; -Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibyungo n'imigereka.	-Gushishikarira kubara inkuru ku byo yabonye cyangwa yumvise; -Gushishikarira guhanga inkuru cyangwa ikinamico no kuyikina; -Gushishikarira gushushanya inkuru yasomye; -Gushishikarira guhina umwandiko cyangwa inkuru yize -Kurangwa no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibyungo n'imigereka.	-Imbaraga z'ababyeyi; -Kwihangira umurimo; -Gukundisha urubyiruko umurimo. **Ikeshamvugo:** -Ikeshamvugo ku rusaku rw'abantu, ibintu n'inyamaswa; -Ikeshamvugo ku matsinda y'inyamaswa n'ibintu; -Ikeshamvugo ku ntaho y'abantu n'inyamaswa.	-Gushaka ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe, bari mu matsinda; -Kumurika ibyavuye mu matsinda; -Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; --Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko; -Guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe; -Gutondeka ingingo z'ingenzi zigize umwandiko -Guhina umwandiko yize; -Guhanga inkuru ku nsanganyamatsiko yahawe;

			Inkuru ngufi -Inshoza y'inkuru ngufi; -Uturango tw'inkuru ngufi. **Ikinamico** -Inshoza y'ikinamico; -Uturango tw'ikinamico. **Ibyungo** Uturango n'inshoza by'ibyungo **Imigereka** -Inshoza y'imigereka; -Amoko y'imigereka.	-Gutahura imvugo yabugenewe ku rusaku, intaho n'amatsinda by'abantu, ibintu n'inyamaswa; -Gushushanya inkuru yasomye; -Gufata mu mutwe umuvugo ko kuwubwira bagenzi be; -Gutahura inshoza n'uturango by'inkuru ngufi; -Gutahura inshoza n'uturango by'ikinamico; -Guhanga ikinamico no kuyikina; -Kubarira bagenzi be inkuru yasomye; -Gutahura inshoza n'uturango by'ibyungo n'imigereka; -Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibyungo n'imigereka.

Ihuriro n'andi masomo:

-Ubumenyi n'Ikoranabuhanga riciriritse: Imyandiko igaragaza gukunda umurimo (Gukoresha ikoranabuhanga)

-Amasomo Mbonezamubano n'Iyobokamana: Mu mirimo itandukanye ivugwa mu myandiko.

Ubushobozi nsanganyamasomo

-Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho, gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko no gutahura ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.

-Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: Binyuze mu gutekereza uko umurimo warushaho kunozwa buri munsi.

-Ubushakashatsi: Binyuze gushaka icyarushaho kunoza umurimo.

-Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi, n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi: Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

-Guhanga udushya: Binyuze mu gukora umurimo unoze urangwa n'udushya ndetse n'ubudasa.

-Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu: Binyuze mu gukina ikinamico, kwivuga, kuvuga imivuga n'ibiganiro byo mu matsinda.

Indangagaciro

-Kwigira: Binyuze mu mu gukorana umurava no guharanira kwiteza imbere.

-Kwitangira umurimo: Binyuze mu kwiga gukorana umurava no guharanira kugera ku iterambere.

-Umuco w'amahoro n'Ubworoherane: Binyuze mu kubaha no gusigasira ibyo abandi bagezeho.

-Ubufatanye na Demokarasi: Binyuze mu gukorana neza mu matsinda no guha agaciro ibitekerezo by'abandi.

-Gukunda Igihugu: Binyuze mu guharanira kwiteza imbere no guteza Igihugu imbere.

-**Kwiyemeza no Kwihangana:** Binyuze mu kudacibwa intege n'imbogamizi n'imiruho bahura na byo mu rugendo rwo kwiteza imbere.

-**Kwigira:** Binyuze mu guharanira gutera intamwe yo kwikemurira ibibazo.

Ingingo nsaranganyamasomo

Muri uyu mutwe hibandwa cyane ku muco w'amahoro aho bigaragarira mu myandiko.

Harimo kandi umuco wo kuzigama dusanga mu myandiko igaragaza kuzigama ibyo umuntu yungutse biturutse mu murimo yakoze.

Ibigenderwaho mu isuzuma:

Ubushobozi bwo gusesengura imyandiko ivuga ku gukunda umurimo;

Ubushobozi bwo gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yabugenewe;

Ubushobozi bwo kubara inkuru ku byo yumvise cyangwa yasomye;

Ubushobozi bwo guhanga no gukina ikinamico;

Ubushobozi bwo gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibyungo n'imigereka.

Imfashanyigisho: *Imyandiko ivuga ku muco nyarwanda, amashusho ajyanye n'Imyandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.*

7. UMUGEREKA

1. SUBJECTS AND WEEKLY TIME ALLOCATION FOR DOUBLE SHIFT IN LOWER PRIMARY (P1-P3)

#	Subjects to be taught in P1-P3	Number of periods (Period = 40 minutes)
1	Kinyarwanda/ Rwanda Sign Language	5
2	English	5
3	Mathematics	5
4	French	2
5	Social Studies and Religious Education	2
6	Science and Elementary Technology (SET)	2
7	Creative Arts (fine arts and Music)	2
8	Physical Education and Sports	1
9	Co-Curricular activities	1
	Total number of contact *periods* per week	25
	Total number of contact *hours*/Week	16.6
	Total number of contact *hours* per year (39 weeks)	647.4

2. SUBJECTS AND WEEKLY TIME ALLOCATION FOR SINGLE SHIFT IN UPPER PRIMARY (P4 –P6)

#	Subjects to be taught in P4 -P6	Number of periods (Period= 40 minutes)
1	Kinyarwanda/ Rwanda Sign Language	9
2	English	9
3	Mathamatics	9
4	Science and Elementary Technology	5
5	Social Studies and Religious Education	5
6	French	5
7	Creative Arts (Fine arts and Music)	2
8	Physical Education and Sport	2
9	Co-curricular Activities	4
	Total number of contact *periods* per week	50
	Total number of contact *hours*/ week	33.3
	Total number of contact *hours* per year (39 weeks)	1,300

8. IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE:

1.Ikigô cy'Ûbushaakashaatsi mu by'Ûbuhaânga n'Îikôranabûhaânga (N.D), Inkoranya y'Îkinyarwaanda mu Kinyarwaanda, IRST Butare, Igitabo cya 1

2.Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (2014). Amabwiriza ya Minisitiri no 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda, Kigali.

3.Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (2015). Imikoreshereze y'Ikinyarwanda: Ntibavuga-bavuga. Imfashanyigisho ibanza, Kigali.

4. NSANZABERA, J.D. (2013) Ikeshamvugo mu Kinyarwanda: imvugo isukuye, ikeshamvugo ry'amagambo akwiye n'inshoberamahanga zisobanuye, Kigali.

5. Mgr BIGIRUMWAMI, A. (1984). Imihango n'Imigenzo n'Imiziririzo mu Rwanda, Nyundo, Troisième édition.

6.Rwanda Education Board (2015). Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza, Kigali.

7.MUTAKE, T. (1991) Ikinyarwanda ikibonezamvugo, imbonerahamwe y'itondaguranshinga risanzwe, Kigali: les edition de la Régis de l'imprimerie Scolaire.

8.COUPEZ, A. (1980) Abrégé de Grammaire Rwanda, Tome 1, 2. Butare, INRS.

9.IGIRANEZA T.(1990) Isomo ry'ikibonezamvugo: iyigantego, inshoza y'inshinga nyarwanda, Kigali.

10.BIZIMANA, S.(2002) Imiteêrere y'Ikinyarwaanda II, IRST, Butare.

11.Minisiteri y'Amashuri Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga, Ubuyobozi Bukuru bw'Umuco n'Ubugeni (1984) Igitaramo cy'abana, Kigali.

12.Andika Rwanda, 2018

13.Andika Rwanda, 2019